### **3.8 Ibyigwa biri muri uyu mutwe wa 3**

Ibyigwa	Umubare w'amasono: 22
1 Gusoma no kwandika imibare kuva kuri 0 kugera ku 10 000	2
2 Gusesengura imibare kuva kuri 0 kugera ku 10 000	1
3 Gutondeka imibare kuva kuri 0 kugera ku 10 000	1
4 Kugereranya imibare kuva kuri 0 kugera ku 10 000	1
5 Guteranya imibare igiteranyo kitarenze 10 000	4
6 Gukuramo imibare itarenze 10 000	4
7 Gukuba imibare igikubo kitarenze 10 000	4
8 Kugabanya imibare itarenze 10 000	3
9 Isuzuma risoza umutwe	2

### **3.9 Imyigire n'imyigishirize ya buri kigwa**

#### **3.9.1 Ikigwa cya mbere: Gusoma no kwandika imibare kuva kuri 0 kugera kuri 10 000 (Amasono 2)**

##### **a. Intego**

###### ***Ubumenyi***

Kuvuga imvugo yumvikana igihe asoma imibare kuva kuri 0 kugera 2000 mu mibare no mu magambo.

###### ***Ubumenyingiro***

Gusoma no kwandika neza imibare itarenze 10 000 aho ari ho hose.

### ***Ubukesha***

Kugaragaza gahunda mu bikorwa bye bya buri munsi.

**b. Imyitozo y'isubiramo /Intangiriro**

- Imyitozo inyuranye yo gusoma no kwandika imibare itarengeje 5 000 iri mu gitabo cy'umunyeshuri.
- Gushushanya imbonerahamwe y'ibara ku kibaho no guha abanyeshuri amakarita y'imibare baza gukoresha.
- Gutegura uko ari bufashe abanyeshuri bafite ibyo bagenerwa byihariye mu myigire yabo.

**c. Imfashanyigisho**

- Imbonerahamwe y'ibara.
- Ibbarisho n'amakarita y'imibare ari mu mabara atandukanye.

**d. Ibikorwa by'imyigire n'imyigishirize**

Imyigire n'imyigishirize yo gusoma no kwandika imibare ihura n'iyagaragajwe mu kigwa kiri mu mutwe wa mbere.

**e. Ikomatanya ry'ibyzwe**

Kuyobora abanyeshuri mu kuvuga muri make uko baca imbonerahamwe y'ibara, uko bandika n'uko basoma imibare n'amategeko bakurikiza.

**f. Isuzuma**

Guha abanyeshuri imyitozo iri ku rupapuro rwa 71 mu gitabo cy'umunyeshuri yo kwandika imibare mu mbonerahamwe y'ibara, kuyisoma baranguruye ijwi no kuyandika mu mibare no mu magambo.

**g. Ibisubizo by'imyitozo n'ibikorwa bijyanye n'iki kigwa**

### **Gusoma imibare kuva kuri 0 kugera ku 10 000**

#### **Imyitozo yo ku rupapuro rwa 70 mu gitabo cy'umunyeshuri**

Ibisubizo byayo biratandukanye bitewe n'imibare buri munyeshuri azikorera n'uburyo azayisoma.

**Urugero:** 6143: Ibihumbi bitandatu n'ijana na mirongo ine na gatatu

#### **Reka nisuzume iri kurupapuro rwa 70 mugitabo cy'umunyeshuri.**

Ibisubizo biratandukanye bitewe n'imibare buri munyeshuri azikorera n'uburyo azayisoma.

### **Kwandika imibare kuva kuri 0 kugera ku 10 000**

#### **Igikorwa kiri ku rupapuro rwa 71 mu gitabo cy'umunyeshuri.**

Ibisubizo biratandukanye bitewe n'uko umunyeshuri azandika kandi akanasoma umubare yakoze akoresheje amakarita.

**Urugero:** 6 789: Ibihumbi bitandatu magana arindwi mirongo inani n'ikenda

**Reka nisuzume iri ku rupapuro rwa 71 mu gitabo cy'umunyeshuri**

Ibisubizo bya nsuzuma ngusuzume biratandukanye bitewe n'imibare buri munyeshuri azikorera.

**Urugero:** 5 432 : Ibihumbi bitanu magana ane mirongo itatu na kabiri

**Imyitozo iri ku rupapuro rwa 71 mu gitabo cy'umunyeshuri**

- a) 5 100, 5 300, 5 500, 5 700, 5 900
- b) 6 050, 6 150, 6 250, 6 350, 6 450
- c) 8 200, 8 600; 9 000, 9 400, 9 800

**Reka nisuzume iri ku rupapuro rwa 72 mu gitabo cy'umunyeshuri**

- 1) 5 018: Ibihumbi bitanu na cumi n'umunani.  
5 019: Ibihumbi bitanu na cumi n'ikenda.
- 2) 6 031: Ibihumbi bitandatu na mirongo itatu na rimwe.  
6 032: Ibihumbi bitandatu na mirongo itatu na kabiri.  
7 659: Ibihumbi birindwi magana atandatu na mirongo itanu na rimwe
- 3) 7 652: Ibihumbi birindwi magana atandatu na mirongo itanu na kabiri.  
7 653: Ibihumbi birindwi magana atandatu na mirongo itanu na gatatu.  
7 654: Ibihumbi birindwi magana atandatu na mirongo itanu na kane.
- 4) 8 098: Ibihumbi umunani na mirongo ikenda n'umunani.  
8 099: Ibihumbi umunani na mirongo ikenda n'ikenda.
- 5) 9 122: Ibihumbi ikenda n'ijana na makumyabiri na kabiri.
- 6) 9 267: Ibihumbi ikenda magana abiri na mirongo itandatu na karindwi.  
9 268: Ibihumbi ikenda magana abiri na mirongo itandatu n'umunani.

**Ibisubizo by'imyitozo iri ku rupapuro rwa 72 mu gitabo cy'umunyeshuri**

- 1) a) Ibihumbi ikenda magana abiri na mirongo ine n'ikenda  
b) 6 819
- 2) Ibisubizo biratandukanye. Urugero: 8 432
- 3) 9 199, 9 399, 9 599, 9 799, 9 999
- 4) a) A = Ibihumbi ikenda magana arindwi na mirongo kenda na kane  
b) A2= 6 805  
c) A3= Ibihumbi bitandatu magana arindwi na mirongo itatu na kabiri  
d) B1= 7 305  
e) B2= Ibihumbi bitanu magana ikenda na mirongo itatu na gatandatu  
f) B3= 8 709

- g) C1= Ibihumbi umunani magana ikenda na mirongo itatu na gatanu
- h) C2= 9 557
- i) C3= Ibihumbi umunani magana arindwi na cumi n'ikenda

### **3.9.2 Ikigwa cya kabiri: Gusesengura imibare kuva kuri 0 kugera ku 10 000 (Isomo 1)**

**a. Intego**

***Ubumenyi***

Gusobanukirwa umwanya wa buri mubarwa ku mubare ugizwe n'imibarwa ine.

***Ubumenyingiro***

Gusesengura imibare itarenze 10 000 mo ibinyabumwe, ibinyacumi, ibinyajana n'ibinyagihumbi.

***Ubukesha***

Gutekereza neza kandi vuba.

**b. Imyitozo y'isubiramo /Intangiriro**

- Imyitozo inyuranye yo gusesengura imibare itarengeje 5 000 iri mu gitabo cy'umunyeshuri.
- Gushushanya imbonerahamwe y'ibara ku kibaho no guha abanyeshuri amakarita y'imibare baza gukoresha.
- Gutegura uko ari bufashe abanyeshuri bafite ibyo bagenerwa byihariye mu myigire yabo.

**c. Imfashanyigisho**

- Imbonerahamwe y'ibara
- Ibbarisho n'amakarita y'imibare ari mu mabara atandukanye

**d. Ibikorwa by'imyigire n'imyigishirize**

Imyigire n'imyigishirize yo gusesengura imibare ihuye n'iyagaragajwe mu kigwa kiri mu mutwe wa mbere.

**e. Ikomatanya ry'ibyzwe**

Kuyobora abanyeshuri mu kuvuga muri make uko baca imbonerahamwe y'ibara, uko basesengura imibare n'amategeko bakurikiza.

**f. Isuzuma**

Guha abanyeshuri imyitozo iri ku rupapuro rwa 74 mu gitabo cy'umunyeshuri yo kwandika imibare mu mbonerahamwe y'ibara no kuyisesengura.

**g. Ibisubizo by'imyitozo n'ibikorwa bijyanye n'iki kigwa**

**Gusengura imibare kuva kuri 0 kugera ku 10 000****Igikorwa cya 1 ku rupapuro rwa 73 mu gitabo cy'umunyeshuri**

1)

Ibinyagihumbi	Ibinyajana	Ibinyacumi	Ibinyabumwe
5	4	6	5
6	3	9	2
7	9	6	8
8	9	7	4
9	5	3	9
6	7	4	9

- 2) a)  $8\ 654 = h\ 8\ j\ 6\ c\ 5\ b\ 4$       d)  $5\ 923 = b\ 3\ j\ g\ c\ 2\ h\ 5$   
 b)  $6\ 974 = c\ 7\ h\ 6\ b\ 4\ j\ g$       e)  $6\ 179 = c\ 7\ j\ i\ h\ 6\ b\ g$   
 c)  $7\ 935 = j\ 9\ b\ 5\ h\ 7\ c\ 3$       f)  $9\ 756 = j\ 7\ b\ 6\ h\ 9\ c\ 5$   
 3) a)  $h\ 6\ c\ 7\ b\ 5\ j\ 3 = 6\ 375$       d)  $c\ 5\ j\ 8\ h\ 8\ b\ 9 = 8\ 859$   
 b)  $b\ 9\ j\ 6\ h\ 7\ c\ 1 = 7\ 619$       e)  $b\ 7\ c\ 9\ h\ 9\ j\ 9 = 9\ 997$   
 c)  $j\ 7\ b\ 4\ c\ 6\ h\ 5 = 5\ 764$       f)  $c\ 9\ h\ 7\ b\ 4\ j\ 4 = 7\ 494$

**Igikorwa cya kiri ku rupapuro rwa 74 mu gitabo cy'umunyeshuri.**

- a)  $6\ 248 = 6\ 000 + 200 + 40 + 8$   
 b)  $5\ 879 = (5 \times 1\ 000) + (8 \times 100) + (7 \times 10) + (9 \times 1)$   
 c)  $7\ 574 = \text{ibinyagihumbi } 7 + \text{ibinyajana } 5 + \text{ibinyacumi } 7 + \text{ibinyabumwe } 4$   
 d)  $7\ 64\ 9 = 7\ 000 + 600 + 40 + 9$   
 e)  $6\ 719 = (6 \times 1\ 000) + (7 \times 100) + (1 \times 10) + (9 \times 1)$   
 f)  $8\ 65\ 9 = \text{ibinyagihumbi } 8 + \text{ibinyajana } 6 + \text{ibinyacumi } 5 + \text{ibinyabumwe } 9$

**Nsuzuma ngusuzume iri ku rupapuro rwa 74 mu gitabo cy'umunyeshuri.**

- a) 8 547      b) 9 876      c) 7 250

**Ibisubizo by'imyitoto iri ku rupapuro rwa 74 mu gitabo cy'umunyeshuri**

- 1) a) Ibinyagihumbi 9      d) Ibinyacumi 5  
 b) Ibinyabumwe 7      e) Ibinyagihumbi 5  
 c) Ibinyajana 2      f) Ibinyajana 5  
 2) a)  $b\ 8\ h\ 5\ c\ 7\ j\ 9 = 5\ 978$       d)  $j\ 5\ b\ 8\ c\ 7\ h\ 2 = 2\ 578$   
 b)  $b\ 3\ c\ 6\ h\ 3\ j\ 1 = 6\ 163$       e)  $j\ 8\ b\ 2\ h\ 9\ c\ 7 = 9\ 872$   
 c)  $c\ 3\ h\ 7\ b\ 6\ j\ 7 = 7\ 736$       f)  $b\ 3\ h\ 8\ c\ 7\ j\ 6 = 8\ 673$   
 3) a)  $8\ 567 = h\ 8\ j\ 5\ c\ 6\ b\ 7$       d)  $6\ 452 = h\ 6\ j\ 4\ c\ 5\ b\ 2$   
 b)  $7\ 526 = h\ 7\ j\ 5\ c\ 2\ b\ 6$       e)  $6\ 435 = h\ 6\ j\ 4\ c\ 3\ b\ 5$

$$c) \ 9\ 615 = h\ 9\ j\ 6\ c\ 1\ b\ 5 \quad f) \ 7\ 361 = h\ 7\ j\ 3\ c\ 6\ b\ 1$$

### 3.9.3 Ikigwa cya gatatu: Kugereranya imibare kuva kuri 0 kugera ku 10 000 (Isomo 1)

#### a. Intego

##### *Ubumenyi*

Kumenya ibyinshi, ibike n'ibingana bakoresheje imibare itarenze 10 000

##### *Ubumenyingiro*

Kugereranya imibare itarenze 10 000 bakoresha ibimenyetso by'igereranya < , >, cyangwa =

#### b. Imyitozo y'isubiramo /Intangiriro

- Imyitozo inyuranye yo kugereranya imibare itarenguje 5 000 iri mu gitabo cy'umunyeshuri.
- Gushushanya imbonerahamwe y'ibara ku kibaho no guha abanyeshuri amakarita y'imibare baza gukoresha.
- Gutegura uko ari bufashe abanyeshuri bafite ibyo bagenerwa byihariye mu myigire yabo.

#### c. Imfashanyigisho

- Imbonerahamwe y'ibara
- Ibbarisho n'amakarita y'imibare ari mu mabara atandukanye.

#### d. Ibikorwa by'imyigire n'imyigishirize

Imyigire n'imyigishirize yo kugereranya imibare ihuye n'iyagaragajwe mu kigwa kiri mu mutwe wa mbere.

#### e. Ikomatanya ry'ibyzwe

Kuyobora abanyeshuri mu kuvuga muri make uburyo bubiri bakoresha mu kugereranya imibare n'amategeko bakurikiza.

#### f. Isuzuma

Guha abanyeshuri imyitozo iri ku rupapuro rwa 74 mu gitabo cy'umunyeshuri yo kugereranya imibare.

#### g. Ibisubizo by'imyitozo n'ibikorwa bijyanye n'uyu mutwe

### Kugereranya imibare 2 itarenze 10 000

#### Igikorwa cya 1 kiri ku rupapuro rwa 75 mu gitabo cy'umunyeshuri

a)  $7\ 456 < 8\ 336$       b)  $9\ 576 > 9\ 321$

#### Igikorwa cya 3 ku rupapuro rwa 76 mu gitabo cy'umunyeshuri

a) $9\ 723 > 9\ 327$	c) $7\ 215 > 7\ 152$	e) $5\ 241 < 7\ 514$
b) $6\ 472 < 6\ 742$	d) $8\ 617 > 6\ 817$	f) $6\ 072 = 6\ 072$

**Ibisubizo bya nsuzuma ngusuzume iri mu gitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa 76 – 77**

- |                         |                      |                      |
|-------------------------|----------------------|----------------------|
| 1) a) Munanira II       | b) Nyakabanda II     |                      |
| 2) a) $7\ 865 < 9\ 876$ | d) $9\ 876 > 8\ 654$ | f) $7\ 865 < 9\ 876$ |
| b) $7\ 865 > 8\ 654$    | e) $9\ 876 > 6\ 896$ | g) $8\ 654 > 6\ 896$ |
| c) $7\ 865 > 6\ 896$    |                      |                      |

**Reka nisuzume iri ku rupapuro rwa 77 mu gitabo cy'umunyeshuri**

- a)  $2\ 087 > 1\ 678$       b)  $2\ 087 < 6\ 167$       c)  $1\ 678 > 6\ 167$

**Ibisubizo by'imyitotoz iri ku rupapuro rwa 77 mu gitabo cy'umunyeshuri**

- |                      |                      |                      |
|----------------------|----------------------|----------------------|
| a) $8\ 459 = 8\ 459$ | c) $9\ 628 < 9\ 657$ | e) $6\ 734 = 6\ 734$ |
| b) $7\ 384 > 7\ 249$ | d) $5\ 493 > 5\ 234$ | f) $7\ 835 < 8\ 435$ |

**3.9.4 Ikigwa cya kane: Gutondeka imibare kuva kuri 0 kugera ku 10 000  
(Amasomo 2)**

**a. Intego**

***Ubumenyi***

Kumenya ibyinshi n'ibike bakoresheje imibare itarenze 10 000.

***Ubumenyingiro***

Gutondeka imibare itarenze 10 000 kuva ku muto ujya ku munini no kuva ku munini ujya ku muto.

***Ubukesha***

Gutekereza neza kandi vuba.

**b. Imyitotozo y'isubiramo /Intangiriro**

- Imyitotozo inyuranye yo gutondeka imibare itarengeje 5 000 iri mu gitabo cy'umunyeshuri.
- Gushushanya imbonerahamwe y'ibara ku kibaho no guha abanyeshuri amakarita y'imibare baza gukoresha.
- Gutegura uko ari bufashe abanyeshuri bafite ibyo bagenerwa byihariye mu myigire yabo.

**c. Imfashanyigisho**

- Imbonerahamwe y'ibara;
- Ibibarisho n'amakarita y'imibare ari mu mabara atandukanye;

**d. Ibikorwa by'imyigire n'imyigishirize**

Imyigire n'imyigishirize yo gutondeka imibare ihuye n'iyagaragajwe mu kigwa kiri mu mutwe wa mbere.

e. **Ikomatanya ry'ibyizwe**

Kuyobora abanyeshuri mu kuvuga muri make uburyo bubiri bakoresha batondeka imibare n'amategeko bakurikiza.

f. **Isuzuma**

Guha abanyeshuri imyitozo iri ku rupapuro rwa 80 mu gitabo cy'umunyeshuri yo gutondeka imibare.

g. **Ibisubizo by'imyitozo n'ibikorwa bijyanye n'iki kigwa**

**Gutondeka imibare kuva kuri 200 kugera ku 10 000**

**Gutondeka imibare uva ku muto ujya ku munini.**

**Igikorwa cya 1 ku rupapuro rwa 78 mu gitabo cy'umunyeshuri**

- |                                       |                                      |
|---------------------------------------|--------------------------------------|
| 1) 6 439, 7 564, 8 943, 9 754, 9 825, | 3) 5 739, 7 193, 7 496, 8 049, 9 384 |
| 2) 5 482, 6 357, 6 497, 7 845, 8 015  | 4) 6 427, 7 409, 8 274, 8 391, 9 437 |

**Igikorwa cya 2 ku rupapuro rwa 79 mu gitabo cy'umunyeshuri**

- |                          |                          |
|--------------------------|--------------------------|
| 1) 5 386 < 6 218 < 7 804 | 2) 5 748 < 6 804 < 7 358 |
|--------------------------|--------------------------|

**Gutondeka imibare uva ku munini ujya ku muto**

**Igikorwa cya 1 ku rupapuro rwa 79 mu gitabo cy'umunyeshuri**

- |                        |                        |
|------------------------|------------------------|
| 1) 9 354, 6 507, 5 734 | 3) 8 654, 6 901, 5 789 |
| 2) 9 675, 6 709, 5 084 | 4) 8 765, 6 057, 5 293 |

**Igikorwa cya 2 ku rupapuro rwa 80 mu gitabo cy'umunyeshuri**

- |                         |                        |
|-------------------------|------------------------|
| 1) 8 534, 7 483, 5 192, | 3) 8 976, 7 456, 6 012 |
| 2) 9 567, 7 345, 6 978, | 4) 9 271, 7 105, 6 823 |

**Reka nisuzume iri ku rupapuro rwa 80 mu gitabo cy'umunyeshuri**

- |                               |                               |
|-------------------------------|-------------------------------|
| a) 9 375; 8 156; 7 247; 6 015 | b) 7 542; 7 524; 7 254; 7 245 |
|-------------------------------|-------------------------------|

**Ibisubizo by'imyitozo iri ku rupapuro rwa 81 mu gitabo cy'umunyeshuri**

- |                              |                               |
|------------------------------|-------------------------------|
| 1) a) 7 869; 8 687; 9 876    | c) 4 576, 5 746, 6 475, 7 654 |
| b) 5 678, 7 658, 7 856       |                               |
| 2) a) 9 325, 5 923, 5 392    | c) 9 876, 7 698, 6789         |
| b) 6 541; 6 154; 5614; 5 146 |                               |

**3.9.5 Ikigwa cya gatanu: Guteranya imibare igiteranyo kitarenga 10 000  
(Amasomo 4)**

a. **Intego**

**Ubumenyi**

Gusobanukirwa uko bateranya imibare batabitsa cyangwa babitsa igiteranyo ntikirenge 10 000.

### ***Ubumenyingiro***

Guteranya batabitsa no guteranya babitsa igiteranyo ntikirenge 10 000 no kubikoresha mu buzima bwa buri munsi.

### ***Ubukesha***

Kwigirira ikizere no gukora cyane.

#### **b. Imyitozo y'isubiramo/Intangiriro**

- Imyitozo inyuranye yo guteranya imibare itarengeje 5 000 iri mu gitabo cy'umunyeshuri
- Gushushanya imbonerahamwe y'ibara ku kibaho no guha abanyeshuri amakarita y'imibare baza gukoresha.
- Gutegura uko ari bufashe abanyeshuri bafite ibyo bagenerwa byihariye mu myigire yabo

#### **c. Imfashanyigisho**

- Imbonerahamwe y'ibara
- Ibibarisho n'amakarita y'imibare ari mu mabara atandukanye

#### **d. Ibikorwa by'imyigire n'imyigishirize**

Imyigire n'imyigishirize yo guteranya imibare ihuye n'iyagaragajwe mu kigwa kiri mu mutwe wa mbere.

#### **e. Ikomatanya ry'ibyzwe**

Kuyobora abanyeshuri mu kuvuga muri make uko:

- Bateranya babitsa cyangwa batabitsa n'amategeko bakurikiza.
- Bakora amahurizo arimo guteranya imibare igiteranyo kitarenga 10 000.

#### **f. Isuzuma**

Guha abanyeshuri imyitozo n'amahurizo biri ku rupapuro rwa 82 na 83 mu gitabo cy'umunyeshuri byo guteranya imibare igiteranyo kitarenga 10 000.

#### **g. Ibisubizo by'imyitozo n'ibikorwa bijyanye n'iki kigwa**

**Guteranya imibare igiteranya cyayo kitarenze 10 000**

### ***Iteranya ritabitsa***

#### **Igikorwa cyo ku rupapuro rwa 81 mu gitabo cy'umunyeshuri**

a) 6 543	b) 4 567	c) 5 123	d) 9 217	e) 8 012
+ 2 310	+ 3 421	+ 3 754	+ 682	+ 987
8 853	7 988	8 877	9 899	8 999

#### **Reka nisuzume iri ku rupapuro rwa 81 mu gitabo cy'umunyeshuri**

a) $4\ 125 + 3\ 873 = 7\ 998$	c) $5\ 234 + 4\ 543 = 9\ 777$	e) $5\ 715 + 4\ 054 = 9\ 769$
b) $3\ 756 + 132 = 3\ 888$	d) $3\ 256 + 732 = 3\ 988$	f) $4\ 650 + 4\ 239 = 8\ 889$

**Nsuzuma nkusuzume iri ku rupapuro rwa 82 mu gitabo cy'umunyeshuri.**

- a)  $4\ 567 + 5\ 231 = 9\ 798$     d)  $7\ 345 + 1\ 643 = 8\ 988$     f)  $9\ 456 + 442 = 9\ 898$   
 b)  $5\ 678 + 4\ 321 = 9\ 999$     e)  $8\ 012 + 1\ 986 = 9\ 998$     g)  $4\ 567 + 4\ 302 = 8\ 869$   
 c)  $6\ 123 + 2\ 874 = 8\ 997$

**Imyitozo iri ku rupapuro rwa 82 mu gitabo cy'umunyeshuri**

- a)  $5\ 643 + 2\ 56 = 5\ 899$     c)  $4\ 572 + 4\ 316 = 8\ 888$   
 b)  $7\ 215 + 2\ 784 = 9\ 999$     d)  $4\ 567 + 421 = 4\ 988$

**Iteranya ribitsa****Igikorwa cyo ku rupapuro rwa 82 mu gitabo cy'umunyeshuri**

a) $4\ 989$	b) $5\ 345$	c) $6\ 578$	d) $8\ 123$	e) $7\ 145$
$\underline{+}\ 3\ 465$	$\underline{+}\ 2\ 987$	$\underline{+}\ 2\ 456$	$\underline{+}\ 1\ 098$	$\underline{+}\ 1\ 879$
$8\ 454$	$8\ 332$	$9\ 034$	$9\ 221$	$9\ 024$

**Nsuzuma ngusuzume iri ku rupapuro rwa 83 mu gitabo cy'umunyeshuri**

- a)  $3\ 294 + 5\ 789 = 9\ 083$     c)  $5\ 324 + 3\ 678 = 9\ 002$     e)  $7\ 689 + 1\ 567 = 9\ 256$   
 b)  $6\ 095 + 2\ 987 = 9\ 082$     d)  $4\ 852 + 4\ 897 = 9\ 749$     f)  $8\ 437 + 1\ 389 = 9\ 826$

**Reka nisuzume iri ku rupapuro rwa 83 mu gitabo cy'umunyeshuri**

- a)  $1\ 943 + 7\ 689 = 9\ 632$     c)  $3\ 987 + 5\ 679 = 9\ 666$     e)  $5\ 795 + 3\ 498 = 9\ 293$   
 b)  $2\ 976 + 6\ 387 = 9\ 363$     d)  $4\ 239 + 4\ 876 = 9\ 115$     f)  $6\ 467 + 2\ 944 = 9\ 411$

**Imyitozo iri ku rupapuro rwa 83 mu gitabo cy'umunyeshuri.**

a) $7\ 568$	b) $8\ 532$	c) $9\ 274$	d) $6\ 765$	e) $4\ 723$
$\underline{+}\ 1\ 928$	$\underline{+}\ 987$	$\underline{+}\ 389$	$\underline{+}\ 2\ 579$	$\underline{+}\ 5\ 187$
$9\ 496$	$9\ 519$	$9\ 663$	$9\ 344$	$9\ 910$

**Amahurizo yo guteranya imibare igiteranyo cyayo kitarenze 10 000****Nsuzuma ngusuzume iri ku rupapuro rwa 84 mu gitabo cy'umunyeshuri**

	Ibyo mfite mu ihurizo	Ibyo mbazwa	Inzira n'igisubizo
1	Abana b'abahungu bakingiwe ni 5 321. Abakobwa ni 3 789.	Abana bose bakingiwe.	Abana: $5\ 321 + 3\ 789 = 9\ 110$
2	Ibiti bateye umwaka ushize ni 3 657. Ibyo bateye uyu mwaka ni 5 794 .	Umubare w'ibiti bamaze gutera.	Ibiti: $3\ 657 + 5\ 794 = 9\ 451$
3	Karongi yahawe ibitabo 5 423. Ngororero ibona ibitabo 3 798.	Umubare w'ibitabo byose byatanzwe.	Ibitabo: $5\ 423 + 3\ 798 = 9\ 221$
4	Amakarito yakozwe ukwezi gushize ni 3 456. Uku kwezi ni 4 649.	Amakarito yakozwe muri ayo mezi yombi.	Amakarito: $3\ 456 + 4\ 649 = 8\ 105$

## **Reka nisuzume iri ku rupapuro rwa 85 mu gitabo cy'umunyeshuri**

	Ibyo mfite mu ihurizo	Ibyo mbazwa	Inzira n'igisubizo
1	Abafana b'abagabo 7 543. Abafana b'abagore 1 978.	Umubare w'abafana.	Abafana: $7543 + 1978 = 9\ 521$
2	Ingo zo muri Kamurehe 4 987. Ingo zo muri Kabuye 4 678.	Umubare w'ingo z'iyo mirenge yombi.	Ingo: $4\ 987 + 4\ 678 = 9\ 665$
3	Inka zatanzwe muri Kayonza ni 3 576. Inka zatanzwe muri Kirehe ni 5 879.	Umubare w'inka zatanzwe muri utwo turere twombi	Inka: $3\ 576 + 5\ 879 = 9\ 455$
4	Abahungu ni 4 653. Abakobwa ni 4 978.	Umubare w'abanyeshuri bose.	Abanyeshuri: $4\ 653 + 4\ 978 = 9\ 631$

### **3.9.6 Ikigwa cya gatandatu: Gukuramo imibare itarenze**

**10 000 (Amasomo 4)**

#### **a. Intego**

##### ***Ubumenyi***

Gusobanukirwa uko bakuramo batira cyangwa badatira imibare itarenze 10 000.

##### ***Ubumenyingiro***

Gukuramo batira cyangwa badatira imibare itarenze 10000 no kubikoresha mu buzima busanzwe.

##### ***Ubukesha***

- Gutekereza neza kandi vuba
- Kwigirira ikizere no gukora cyane.

#### **b. Imyitozo y'isubiramo /Intangiriro**

- Imyitozo inyuranye yo gukuramo imibare itarengeje 5 000 iri mu gitabo cy'umunyeshuri.
- Gushushanya imbonerahamwe y'ibara ku kibaho no guha abanyeshuri amakarita y'imibare baza gukoresha.
- Gutegura uko ari bufashe abanyeshuri bafite ibyo bagenerwa byihariye mu myigire yabo.

#### **c. Imfashanyigisho**

- Imbonerahamwe y'ibara
- Ibbarisho n'amakarita y'imibare ari mu mabara atandukanye

#### **d. Ibikorwa by'imyigire n'imyigishirize**

Imyigire n'imyigishirize yo gukuramo imibare ihuye n'iyagaragajwe mu kigwa kiri mu mutwe wa mbere.

**e. Ikomatanya ry'ibiyizwe**

Kuyobora abanyeshuri mu kuvuga muri make uko:

- Bakuramo imibare batira n'amategeko bakurikiza.
- Bakora amahurizo arimo gukuramo imibare itarenze 10 000.

**f. Isuzuma**

Guha abanyeshuri imyitozo n'amahurizo biri ku rupapuro rwa 86 na 88 mu gitabo cy'umunyeshuri byo gukuramo imibare itarenze 10 000.

**g. Ibisubizo by'imyitozo n'ibikorwa bijyanye n'iki kigwa**

**Gukuramo imibare ikinyurayo cyayo kitarenze 10 000**

**Ikuramo ridatira ry'imibare itarenze 10 000**

**Igikorwa cyo ku rupapuro rwa 85 mu gitabo cy'umunyeshuri**

a) 8 569	b) 9 738	c) 7 685	d) 8 679	e) 6 974
$\underline{- 5\ 417}$	$\underline{- 6\ 315}$	$\underline{- 5\ 452}$	$\underline{- 7\ 543}$	$\underline{- 6\ 432}$
3 152	3 423	2 233	1 136	542

**Nsuzuma ngusuzume iri ku rupapuro rwa 86 mu gitabo cy'umunyeshuri.**

- |                               |                               |
|-------------------------------|-------------------------------|
| a) $9\ 876 - 7\ 645 = 2\ 231$ | e) $9\ 234 - 6\ 023 = 3\ 211$ |
| b) $8\ 567 - 5\ 435 = 3\ 132$ | f) $8\ 456 - 5\ 031 = 3\ 425$ |
| c) $7\ 456 - 4\ 142 = 3\ 314$ | g) $7\ 986 - 3\ 654 = 4\ 332$ |
| d) $6\ 345 - 4\ 203 = 2\ 142$ |                               |

**Reka nisuzume iri ku rupapuro rwa 86 mu gitabo cy'umunyeshuri.**

- |                               |                               |
|-------------------------------|-------------------------------|
| a) $9\ 745 - 5\ 203 = 4\ 542$ | d) $6\ 789 - 5\ 456 = 1\ 333$ |
| b) $7\ 256 - 4\ 032 = 3\ 224$ | e) $5\ 876 - 4\ 674 = 1\ 202$ |
| c) $8\ 769 - 3\ 539 = 5\ 230$ | f) $9\ 863 - 4\ 730 = 5\ 133$ |

**Imyitozo iri ku rupapuro rwa 86 mu gitabo cy'umunyeshuri.**

a) 8 589	b) 7 953	c) 6 789	d) 5 765
$\underline{- 5\ 046}$	$\underline{- 5\ 720}$	$\underline{- 5\ 417}$	$\underline{- 3\ 612}$
3 543	2 233	1 372	2 153

**Ikuramo ritira ry'imibare itarenze 10 000**

**Igikorwa cya ku rupapuro rwa 87 mu gitabo cy'umunyeshuri**

a) 7 234	b) 6 013	c) 9 543	d) 8 250	e) 5 123
$\underline{- 5\ 897}$	$\underline{- 5\ 739}$	$\underline{- 8\ 796}$	$\underline{- 6\ 592}$	$\underline{- 2\ 768}$
1 337	274	747	1 658	2 355

**Nsuzuma ngusuzume iri kurupapuro rwa 87 mu gitabo**

- |                               |                               |                               |
|-------------------------------|-------------------------------|-------------------------------|
| a) $5\ 321 - 2\ 789 = 2\ 532$ | d) $8\ 143 - 6\ 759 = 1\ 384$ | f) $6\ 503 - 3\ 967 = 2\ 536$ |
| b) $6\ 024 - 4\ 658 = 1\ 366$ | e) $9\ 012 - 8\ 945 = 67$     | g) $8\ 432 - 6\ 579 = 1\ 853$ |
| c) $7\ 431 - 5\ 865 = 1\ 566$ |                               |                               |

**Reka nisuzume iri ku rupapuro rwa 88 mu gitabo cy'umunyeshuri**

- a)  $9\ 013 - 7\ 457 = 1\ 556$    c)  $7\ 432 - 5\ 678 = 1\ 754$    e)  $5\ 376 - 389 = 3\ 897$   
b)  $8\ 234 - 6\ 957 = 1\ 277$    d)  $6\ 543 - 4\ 675 = 1\ 868$    f)  $5\ 021 - 2\ 658 = 2\ 363$

**Imyitozo iri ku rupapuro rwa 88 mu gitabo cy'umunyeshuri**

- a)  $6\ 120 - 3\ 249 = 2\ 871$    c)  $8\ 105 - 5\ 258 = 2\ 847$   
b)  $7\ 432 - 4\ 567 = 2\ 865$    d)  $9\ 043 - 6\ 398 = 2\ 645$

**Amahurizo yo gukuramo imibare itarenze 10 000****Nsuzuma ngusuzume iri ku rupapuro rwa 89 mu gitabo cy'umunyeshuri**

- 1) Impunzi zitabonye imfashany:  $9\ 732 - 7\ 986 = 1\ 746$   
2) Abanyeshuri batiga siyansi:  $9\ 321 - 5\ 867 = 3\ 454$   
3) Hasigaye ingo:  $6\ 830 - 5\ 987 = 843$

**Reka nisuzume iri ku rupapuro rwa 89 mu gitabo cy'umunyeshuri.**

- 1) Yasigaranye amashu:  $7\ 120 - 6\ 987 = 133$   
2) Abana bakingiwe inkingo zose:  $9\ 123 - 879 = 8\ 244$   
3) Abataratowe:  $7\ 345 - 789 = 6\ 556$   
4) Ingemwe z'ibiti zitameze:  $9\ 351 - 7\ 984 = 1\ 367$

**Ibisubizo by'imyitozo iri ku rupapuro rwa 90 mu gitabo cy'umunyeshuri**

- 1) a)  $5\ 674 + 3\ 789 = 9\ 463$    d)  $6\ 987 + 1\ 979 = 8\ 966$   
b)  $5\ 674 + 4\ 098 = 9\ 772$    e)  $7\ 486 + 1\ 947 = 9\ 433$   
c)  $6\ 987 + 2\ 678 = 9\ 665$    f)  $7\ 486 + 1\ 287 = 8773$   
2) a)  $5\ 674 - 3\ 789 = 1\ 885$    d)  $6\ 987 - 2\ 678 = 4\ 309$   
b)  $5\ 674 - 4\ 098 = 1\ 576$    e)  $6\ 987 - 1\ 979 = 5\ 008$   
c)  $4\ 098 - 3\ 789 = 3\ 09$    f)  $2\ 678 - 1\ 979 = 699$

**3.9.7 Ikigwa cya karindwi: Gukuba imibare igikubo kitarenze 10 000****(Amasomo 4)****a. Intego*****Ubumenyi***

Gusobanukirwa uko bakuba umubare w'imibarwa itatu n'undi w'imibarwa 2 igikubo ntikirenge 10 000.

***Ubumenyingiro***

Gukuba umubare w'imibarwa itatu n'undi w'imibarwa 2 igikubo ntikirenge 10 000 no kubikoresha mu buzima busanzwe.

***Ubukesha***

Gutekereza neza kandi vuba.

Kwigirira ikizere no gukora cyane.

**b. Imyitozo y'isubiramo /Intangiriro**

- Imyitozo inyuranye yo gukuba imibare y'imibarwa 2 n'umubare w'umubarwa 1 igikubo cyayo kitarenga 5 000 iri mu gitabo cy'umunyeshuri.
- Gushushanya imbonerahamwe y'ibara ku kibaho no guha abanyeshuri amakarita y'imibare baza gukoresha.
- Gutegura uko ari bufashe abanyeshuri bafite ibyo bagenerwa byihariye mu myigire yabo.

**c. Imfashanyigisho**

- Imbonerahamwe y'ibara
- Ibbarisho n'amakarita y'imibare ari mu mabara atandukanye

**d. Ibikorwa by'imyigire n'imyigishirize**

Imyigire n'imyigishirize yo gukuba imibare ihuye n'iyagaragajwe mu kigwa kiri mu mutwe wa mbere.

**e. Ikomatanya ry'ibyzwe**

Kuyobora abanyeshuri mu kuvuga muri make uko:

- Bakuba umubare w'imibarwa itatu n'undi w'imibarwa 2 n'amategeko bakurikiza.

**f. Isuzuma**

Guha abanyeshuri imyitozo n'amahurizo biri ku rupapuro rwa 90 mu gitabo cy'umunyeshuri yo gukuba umubare w'imibarwa itatu n'undi w'imibarwa 2.

**g. Ibisubizo by'imyitozo n'ibikorwa bijyanye n'iki kigwa**

**Ikuba ry'umubare w'imibarwa 3 n'undi w'imibarwa 2 igikubo kitarenga 10 000**

**Ibisubizo by'igikorwa kiri ku rupapuro rwa 91 mu gitabo cy'umunyeshuri**

a) 295	b) 198	c) 356	d) 139	e) 108
$\times 15$	$\times 19$	$\times 12$	$\times 34$	$\times 45$
4 425	3 762	4 272	4 726	4 860

**Nsuzuma ngusuzume iri ku rupapuro rwa 92 mu gitabo cy'umunyeshuri**

a) $378 \times 25 = 9\ 450$	d) $439 \times 21 = 9\ 219$	f) $907 \times 11 = 9977$
b) $529 \times 18 = 9\ 522$	e) $297 \times 29 = 8\ 613$	g) $412 \times 24 = 9888$
c) $638 \times 15 = 9\ 570$		

**Reka nisuzume iri ku rupapuro rwa 92 mu gitabo cy'umunyeshuri.**

a) 789	b) 697	c) 874	d) 527	e) 472
$\times 12$	$\times 13$	$\times 11$	$\times 15$	$\times 16$
9 468	9 061	9 614	7 905	7 552

## **Amahurizo yo gukuba umubare w'imibarwa 3 n'undi w'imibarwa 2 igikubo kitarenga 10 000**

**Nsuzuma ngusuzume iri ku rupapuro rwa 93 – 94 mu gitabo cy'umunyeshuri.**

- 1) Leta yatanze inka:  $416 \times 23 = 9\,568$
- 2) Hajyamo abantu:  $798 \times 12 = 9\,576$
- 3) Hashyizwemo abanyeshuri:  $287 \times 29 = 8\,323$
- 4) Bacuruza ihene:  $479 \times 18 = 8\,622$

**Reka nisuzume iri ku rupapuro rwa 94 mu gitabo cy'umunyeshuri**

- 1) Ishyirahamwe ribona amagi :  $278 \times 29 = 7\,784$
- 2) Mu minsi 27 uruganda rukora amakarito:  $367 \times 27 = 9\,909$
- 3) Yahinze amashu:  $549 \times 18 = 9\,882$
- 4) Harimo abacuruzi:  $589 \times 15 = 8\,835$

## **Ikuba ry' imibare na 100 na 1000 igikubo kitarenga 10 000**

**Igikorwa cya 2 ku rupapuro rwa 95 mu gitabo cy'umunyeshuri**

- |                               |                               |
|-------------------------------|-------------------------------|
| 1) $8 \times 1\,000 = 8\,000$ | 3) $67 \times 100 = 6\,700$   |
| 2) $9 \times 1\,000 = 9\,000$ | 4) $5 \times 1\,000 = 5\,000$ |

**Reka nisuzume iri ku rupapuro rwa 95 mu gitabo cy'umunyeshuri**

- |                               |                               |                               |
|-------------------------------|-------------------------------|-------------------------------|
| a) $99 \times 100 = 9\,900$   | c) $6 \times 1\,000 = 6\,000$ | e) $57 \times 100 = 5\,700$   |
| b) $7 \times 1\,000 = 7\,000$ | d) $78 \times 100 = 7\,800$   | f) $9 \times 1\,000 = 9\,000$ |

**Imyitozo iri ku rupapuro rwa 96 mu gitabo cy'umunyeshuri.**

- |                               |                                |                               |
|-------------------------------|--------------------------------|-------------------------------|
| a) $1\,000 \times 3 = 3\,000$ | d) $87 \times 100 = 8\,700$    | g) $6 \times 1\,000 = 6\,000$ |
| b) $69 \times 100 = 6\,900$   | e) $1\,000 \times 7 = 7\,000$  | h) $5 \times 1\,000 = 5\,000$ |
| c) $8 \times 1000 = 8\,000$   | f) $76 \times 1\,000 = 7\,600$ |                               |

### **3.9.8 Ikiga cya munani: Kugabanya imibare itarenze 10 000 (Amasomo 3)**

**a. Intego**

#### ***Ubumenyi***

Gusobanukirwa uko bagabanya umubare w'imibarwa ine n'umubare w'umubarwa 1 imibare itarenze 10 000.

#### ***Ubumenyingiro***

Kugabanya umubare w'imibarwa ine n'umubare w'umubarwa 1 imibare itarenze 10 000.

#### ***Ubukesha***

- Gutekereza neza kandi vuba
- Kwigirira ikizere no gukora cyane.

**b. Imyitozo y'isubiramo /Intangiriro**

- Imyitozo inyuranye yo kugabanya imibare itarenze 10 000 iri mu gitabo cy'umunyeshuri.
- Gushushanya imbonerahamwe y'ibara ku kibaho no guha abanyeshuri amakarita y'imibare baza gukoresha.
- Gutegura uko ari bufashe abanyeshuri bafite ibyo bagenerwa byihariye mu myigire yabo.

**c. Imfashanyigisho**

- Imbonerahamwe y'ibara
- Ibibarisho n'amakarita y'imibare ari mu mabara atandukanye

**d. Ibikorwa by'imyigire n'imyigishirize**

Imyigire n'imyigishirize yo kugabanya imibare ihuye n'iyagaragajwe mu kigwa kiri mu mutwe wa mbere.

**e. Ikomatanya ry'ibyzwe**

Kuyobora abanyeshuri mu kuvuga muri make uko:

- Bagabanya imibare itarenze 10 000 n'amategeko bakurikiza.
- Bakora amahurizo arimo kugabanya umubare w'imibarwa ine n'undi w'umubarwa 1.

**f. Isuzuma**

Guha abanyeshuri imyitozo n'amahurizo biri mu gitabo cy'umunyeshuri yo kugabanya imibare itarenze 10 000.

**g. Ibisubizo by'imyitozo n'ibikorwa bijyanye n'iki kigwa**

**Igabanya ridasangura ry'umubare w'imibarwa 4 n'umubare w'umubarwa 1**

**Igikorwa kiri ku rupapuro rwa 96 mu gitabo cy'umunyeshuri**

1)  $7\ 496 : 8 = 937$       2)  $6\ 327 : 9 = 903$       3)  $7\ 049 : 7 = 1\ 007$

**Nsuzuma ngusuzume cya 3 kiri kurupapuro rwa 97 mu gitabo cy'umunyeshuri.**

a) $8\ 984 : 8 = 1\ 123$	d) $8\ 172 : 9 = 908$	f) $8\ 491 : 7 = 1\ 213$
b) $6\ 576 : 4 = 1\ 644$	e) $7\ 985 : 5 = 1\ 597$	g) $9\ 879 : 3 = 3\ 293$
c) $8\ 952 : 6 = 1\ 492$		

**Reka nisuzume iri ku rupapuro rwa 97 mu gitabo cy'umunyeshuri**

a) $9\ 549 : 9 = 1\ 061$	c) $7\ 952 : 7 = 1\ 136$	e) $6\ 585 : 5 = 1\ 317$
b) $8\ 728 : 8 = 1\ 091$	d) $6\ 906 : 6 = 1\ 151$	f) $8\ 976 : 4 = 2\ 244$

**Ibisubizo by'imyitozo iri ku rupapuro rwa 98 mu gitabo cy'umunyeshuri**

a) $9\ 878 : 2 = 4\ 939$	c) $5\ 392 : 4 = 1\ 348$	e) $7\ 656 : 6 = 1\ 276$
b) $7\ 839 : 3 = 2\ 613$	d) $8\ 965 : 5 = 1\ 793$	f) $6\ 398 : 7 = 914$

### **Amahurizo yo kugabanya**

#### **Nsuzuma ngusuzume iri ku rupapuro rwa 98 mu gitabo cy'umunyeshuri**

- 1) Buri Karere kagabiwe inka →  $9\ 891 : 7 = 1\ 413$
- 2) Buri biro byahawe impapuro →  $7\ 992 : 8 = 999$
- 3) Buri gikarito kizajyamo amakayi →  $5\ 490 : 9 = 610$
- 4) Buri nzu izajyaho amatafari →  $9\ 896 : 4 = 2474$

#### **Reka nisuzume iri ku rupapuro rwa 99 mu gitabo cy'umunyeshuri**

- 1) Buri modoka yapakiwe inanasi:  $5\ 496 : 8 = 687$
- 2) Buri kigo cyoherejweho abana:  $7\ 895 : 5 = 1\ 579$
- 3) Buri Karere kazabona imifuka:  $8\ 793 : 9 = 977$
- 4) Buri Karere kazabona: mudasobwa:  $6\ 797 : 7 = 971$

### **3.10 Gusiza umutwe**

#### **a. Inshamake y'ibikubiye muri uyu mutwe**

- Kubara, gusoma, kwandika, gutondeka no kugereranya neza imibare ishyitse kuva kuri 0 kugera kuri 10 000, gusesengura no gukoresha neza kandi byihuse amategeko y'ibara (+, -, ×, :) mu mibare ishyitse.
- Gutandukanya imibare y'igiharwe n'imibare itari igiharwe.

#### **b. Ubumenyi bw'inongera umwarimu asabwa kugira**

- Kumenya kuyobora ibikorwa byose kandi yita kuri buri munyeshuri nta we asize inyuma.
- Gusobanura ku buryo bwimbitse uko basoma n'uko bandika imibare yose mu magambo no mu mibare;
- Gutegura no gukoresha neza imfashanyigisho zinyuranye;
- Kumenya uko yacengeza ingingo nsanganyamasomo igihe yigisha Imibare;
- Kumenya neza imyigishirize y'Imibare ijyanye n'integanyanyigisho ishingiye ku bushobozi.

#### **c. Ibisubizo by'isuzuma risoza umutwe wa 3 riri ku rupapuro rwa 100 mu gitabo cy'umunyeshuri**

- 1) a) Ibihumbi ikenda magana atandatu na mirongo irindwi n'umunani.  
b) 7 995
- 2) a) 7 698                          b) 8 345
- 3) 5 968
- 4) a) Ibinyagihumbi    b) Ibinyabumwe    c) Ibinyajana    d) Ibinyacumi
- 5) a)  $8\ 189 < 8\ 819$                           c)  $7\ 689 = 7\ 689$   
b)  $6\ 583 > 6\ 538$                           d)  $9\ 587 > 9\ 578$
- 6) 4 784; 5 746; 6 479; 7 356; 7 365; 8 497

- 7) 9 786; 8 710; 6 827; 6 718; 5 708; 4 738
- 8) a)  $6\ 574 + 2\ 695 = 9\ 269$       b)  $7\ 865 + 1\ 879 = 9\ 744$   
           c)  $5\ 679 + 4320 = 9999$       d)  $6\ 958 + 2\ 794 = 9\ 752$
- 9) a)  $7\ 856 - 5976 = 1880$       b)  $8\ 761 - 6\ 819 = 1\ 942$   
           c)  $9\ 852 - 8974 = 878$       d)  $6\ 265 - 5\ 987 = 278$
- 10) a) 
$$\begin{array}{r} 198 \\ \times 49 \\ \hline 9\ 702 \end{array}$$
      b) 
$$\begin{array}{r} 265 \\ \times 37 \\ \hline 9\ 805 \end{array}$$
      c) 
$$\begin{array}{r} 349 \\ \times 28 \\ \hline 9\ 772 \end{array}$$
      d) 
$$\begin{array}{r} 573 \\ \times 16 \\ \hline 9\ 168 \end{array}$$
      e) 
$$\begin{array}{r} 497 \\ \times 17 \\ \hline 8\ 449 \end{array}$$
- 11) a)  $7\ 985 : 5 = 1\ 597$       b)  $8\ 526 : 6 = 1\ 421$
- 12) Afite imifuka:  $8\ 759 - 5\ 784 = 2\ 975$
- 13) Hasigayemo ibitabo:  $9\ 68 - 378 = 590$
- 14) Atwara imifuka:  $300 \times 24 = 7\ 200$
- 15) Buri gitebo kizajyamo imyembe  $\longrightarrow 981 : 9 = 109$

**d. Imyitozo y'umwihariko ihabwa abanyeshuri bagenda buhoro mu myigire n'ibisubizo byayo**

- 1) Andika mu mibare cyangwa mu magambo  
     a) Ibihumbi bitandatu magana atanu mirongo ine na kabiri.  
     b) 7415:
- 2) Shaka umubare wasesenguwe  
     a)  $8\ 000 + 500 + 30 =$   
     b)  $(1\ 000 \times 7) + (100 \times 4) + (10 \times 3) + (1 \times 5) =$
- 3) Gereranya ukoreshjeje <, > cyangwa =  
     a) 6 450 ... 6 780      b) 9 678 ... 9 678      c) 8 960 ... 7 890
- 4) Tondeka uhoreye ku mubare muto ujya ku mubare munini  
     8 645, 6 987, 7 000, 5 930  $\longrightarrow$
- 5) Tondeka uhoreye ku mubare munini ujya ku mubare muto  
     5 950, 9 230, 4 599, 7 314  $\longrightarrow$
- 6) Kora  
     a)  $6\ 254 + 2\ 173 =$       c)  $2\ 341 \times 4 =$   
     b)  $5\ 453 - 3\ 412 =$       d)  $9\ 183 : 3 =$
- 7) Kora aya mahurizo:  
     a) MUGISHA yabaruye abaturage 1 250 bakora umwuga w'ubuhinzi mu kagari kabo n'abandi bakora ubukorikori 1 045. Yabaruye abaturage bangahe bose hamwe?  
     b) UWIZEYE yejeje amacunga 6 700, baje kumugurira batwaraho amacunga 5 670. Ubwo yasigaranye amacunga angahe?

- c) Mu bukwe bwa Meya bicaje abantu ku bihande 3. Buri gihande kijyamo inteve 450. Niba izo ntebe barazicayeho zikarangira, ubwo haje abantu bangahe bose hamwe?
- d) Gabanya ku buryo bungana inanasi 6 318 abacuruzi 9. Buri wese uzamuha inanasi zingahe?
- e. **Ibisubizo by'imitotozo y'umwihariko ihabwa abanyeshuri bagenda buhoro mu myigire n'ibisubizo byayo**
- 1) a) 6 542                          b) Ibihumbi birindwi magana ane na cumi na gatanu
  - 2) a) 8 530                                  b) 7 435
  - 3) a)  $6\ 450 < 6\ 780$       b)  $9\ 678 = 9\ 678$       c)  $8\ 960 > 7\ 890$
  - 4)  $5\ 930, 6\ 987, 7\ 000, 8\ 645$
  - 5)  $4\ 599, 5\ 950, 7\ 314, 9\ 230$
  - 6) a) 8 427                                  b) 2 041                                  c) 9 364                                  d) 3 061
  - 7) a) Igisubizo:  $1250 + 1045 = 2295$   
 b) Amacunga  $6700 - 5670 = 1030$   
 c) Haje abantu  $450 \times 3 = 1350$   
 d) Buri wese azatwara inanasi  $6\ 318 : 9 = 702$
- f. **Imitotozo y'umwihariko ihabwa abanyeshuri bihuta cyane mu myigire kurusha abandi n'ibisubizo byayo**
1. Andika mu mibare cyangwa mu magambo
    - a) 9 784:      b) 8 743:
    - c) Ibihumbi umunani magana ane mirongo itanu na rimwe:
    - d) Ibihumbi birindwi magana atandatu mirongo inani n'ikenda :
  2. Shaka umubare wasesenguwe
    - a)  $j\ 9\ c\ 8\ h\ 7\ b\ 6 =$       b)  $c\ 1\ j\ 7\ b\ 5\ h\ 9 =$       c)  $b\ 8\ h\ 7\ c\ 5\ j\ 6 =$
    - 3) Koresha  $<, >$  cyangwa = ugereranye iyi mibare
      - a)  $j\ 8\ c\ 9\ h\ 6\ b\ 4 \dots b\ 7\ h\ 3\ c\ 5\ j\ 2$       b)  $c\ 7\ j\ 9\ b\ 5\ h\ 6 \dots j\ 8\ c\ 6\ h\ 7\ b\ 5$
      - c)  $j\ 7\ c\ 9\ h\ 8\ b\ 3 \dots b\ 5\ h\ 7\ c\ 8\ j\ 6$
    - 4) Tondeka uhereye ku mubare muto ujya ku mubare munini  
 $8\ 798, 7\ 685, 6\ 975, 9\ 789, 7\ 897, 5\ 987 \rightarrow$
    - 5) Tondeka uhereye ku mubare munini ujya ku mubare muto  
 $9\ 784, 8\ 651, 8\ 756, 7\ 432, 6\ 053, 9\ 874 \rightarrow$
    - 6) Kora iyi myitotozo:
      - a)  $8\ 581 + 1\ 397 =$       b)  $6\ 742 - 3\ 197 =$       c)  $745 \times 9 =$       d)  $7\ 795 : 5 =$
    - 7) Kora aya mahurizo:
      - a) Mu giterane haje abakristu 3 680 b'abagabo; 4 157 b'abagore n'abana 354. Ubwo haje abantu bangahe bose hamwe?

- b) SUGIRA yaranguye amafi 7 000, acuruzaho 5 678 , afatamo andi 735 ayaha mugenzi we wari ufite ubukwe, na we afataho andi 213 ayakoresha umunsi mukuru. Ubwo yasigaranye amafi angahe ?
- c) Mu bitaro bikuru hari inzu 8 zijiyo ibitanda 375 imwe imwe n'izindi 4 zijiyo ibitanda 215 imwe imwe. Muri izo nzu zose harimo ibitanda bingahe?
- d) Gabanya ku buryo bungana inzitiramibu 6 250 imidugudu 5.
- 1) Buri mudugudu uzatwara inzitiramibu zingahe ?
  - 2) Niba buri rugo ruzafata inzitiramibu 10 ubwo buri mudugudu ufite ingo zingahe ?
- g. **Ibisubizo by'myitozo y'umwihariko ihabwa abanyeshuri bihuta cyane mu myigire kurusha abandi n'ibisubizo byayo**
- 1) a) Ibihumbi ikenda magana arindwi mirongo inani na kane.  
b) Ibihumbi umunani magana arindwi mirongo ine na gatatu.  
c) 8 451                          d) 7 689
  - 2) a) 7 986                          b) 9 715                          c) 7 658
  - 3) a)  $6\ 894 > 3\ 257$       b)  $6\ 975 < 7\ 865$       c)  $8\ 793 > 685$
  - 4)  $5\ 987, 6\ 975, 7\ 897, 8\ 685, 8\ 798, 9\ 789$
  - 5)  $9\ 874, 9\ 784, 8\ 756, 8\ 651, 7\ 432, 6\ 053$
  - 6) a) 9 978                          b) 3 545                          c) 6 705                          d) 1 559
  - 7) a) Haje abantu  $\longrightarrow 3\ 680 + 4\ 157 + 354 = 8\ 191$   
b) Asigaranye amafi  $\longrightarrow 7\ 000 - 5\ 678 - 735 = 587 - 213 = 377$   
c) Harimo ibitanda  $\longrightarrow (375 \times 8) + (215 \times 4) = (3\ 000 + 860) = 3\ 860$   
d) Buri mudugudu uzahabwa inzitiramibu  $\longrightarrow 6\ 250 : 5 = 1\ 250$   
Buri mudugudu ingo  $\longrightarrow 1\ 250 : 10 = 125$

## Umutwe wa 4: Imigabane ifite ikita kitarenze 10

### 4.1 Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe

Gukora ibibazo by'imibare bifitanye isano no gusoma, kwandika, gushushanya, guteranya, gukuramo imigabane ihuje ikita kitarenga 10 no gukuba imigabane n'umubare ushyitse.

### 4.2 Ibyizwe mbere bifitanye isano n'uyu mutwe

Gusoma, kwandika no gushushanya  $\frac{1}{2}$ ,  $\frac{1}{4}$ ,  $\frac{1}{8}$

### 4.3 Ubumemnyi ku ngingo nsanganyamasomo buri muri uyu mutwe n'uko bugerwaho

- **Uburezi budacheza** bugaragara mu guha abanyeshuri bose amahirwe angana yo kwiga.
- **Gufata neza ibidukikije** bugaragara igihe abanyeshuri birinda kwangiza ibidukikije bashaka imfashanyigisho.
- **Umuco wo gukoresha neza umutungo** ugaragara mu myitozo isaba abanyeshuri gucunga neza imfashanyigisho no gukora gahunda y'ibikorwa birinda gusesagura.
- **Umuco w'amahoro** ugaragara mu bikorwa byo mu matsinda aho umunyeshuri akorana na bagenzi be mu bwumvikane ntawe abangamiye kandi yiga imigabane igizwe n'ibice bingana.

### 4.4 Ubushobozi umunyeshuri azunguka muri uyu mutwe

- **Gushyikirana n'abandi** igihe akorera mu matsinda cyangwa afatanya n'abandi.
- **Gukoresha imvugo isobanutse** igihe asoma imigabane.
- **Guhanga udushya** akora udukarita twanditseho imigabane.
- **Kwikemurira ibibazo** mu gihe akoresha imibare neza mu buzima busanzwe.
- **Kugira amashyushyu**, yo guhora yiyungura ubumenyi mu ku migabane. isanzwe mu buzima.

### 4.5 Amagambo umunyeshuri yunguka muri uyu mutwe

**Ikibara:** Umubare w'umugabane uri hejuru y'umurongo, werekana umubare wafashwe mu bice bingana byagabaniwe mu kizima.

**Ikita:** Umubare uri munsi y'umurongo w'umugabane, ugaragaza ibice bingana byaciwe mu kizima.

**Umurongo w'umugabane:** Umurongo utandukanya ikita n'ikibara.

**Ikizima:** Ikintu cyuzuye bataracamo ibice gihwanye n'umugabane wuzuye (Iyo ikibara n'ikita bingana).

#### **4.6 Uburyo bwo gusesengura ikibazo nyamukuru**

Umwarimu asomesha agakuru kajyanye n'ikibazo cy'umubyeyi utabasha kugabanya abana be ibikoresho ku buryo bungana.

- Asaba abanyeshuri kukaganiraho no kugatangaho ibitekerezo bagaragaza icyo uwo mubyeyi akeneye kumenya kugira ngo age akora imibare ye neza.
- Abasobanurira ko ibisubizo nyabyo bazajya babibona mu masomo bagiye kwiga muri uyu mutwe.

#### **4.7 Uko umwarimu yita by'umwihariko ku bafite ibibazo byihariye yigisha uyu mutwe**

- Abafata bitinze bategurire imyitozo usanga mu gitabo cy'umwarimu; yoroshye ugereranyije n'iy'abandi .
- Abafite ubumuga bw'ingingo banza umenye izo ari zo ubategurire imfashanyigisho zihariye n'imyitozo wagenera buri wese.
- Abafite impano yo kumva no gukora vuba cyane bahe imyitozo usanga mu gitabo cy'umwarimu, ituma batarangaza abandi .

#### **4.8 Ibyigwa biri muri uyu mutwe wa 4**

	<b>Urutonde rw'ibyigwa</b>	<b>Umubare w'amasono:12</b>
1	Gusoma no kwandika imigabane itarenze ikizima, ikita kitarenze 10	1
2	Gushushanya no gusiga amabara imigabane itandukanye itarenga ikizima	1
3	Kugereranya imigabane ihuje ikita kitarenga 10 kandi itarenga ikizima	1
4	Gushaka icyuzuzo cy'umugabane kugira ngo haboneke ikizima 1	1
5	Iteranya ry'imigabane ihuje ikita kitarenze 10 kandi itarenze ikizima	1
6	Ikuramo ry'imigabane ihuje ikita kitarenze 10 kandi itarenze ikizima	1
7	Umugabane w'umubare ushyitse	2
8	Amahurizo ku migabane ihuje ikita kitarenga 10	2
9	Isuzuma risoza umutwe	2

## **4.9 Imyigishirize ya buri kigwa**

### **4.9.1 Ikigwa cya mbere: Gusoma no kwandika imigabane itarenze ikizima kandi ikita kitarenze 10 (Isomo 1)**

#### **a. Intego**

##### ***Ubumenyi***

Gusobanukirwa imvugo yumvikana ikoreshwa igihe asoma imigabane itarenze ikizima kandi ikita kitarenze 10

##### ***Ubumenyingiro***

- Kugabanya ikizima mo ibice binyuranye kandi bingana.
- Kwerekana ibice bigize umugabane runaka mu kizima kimwe.
- Kwandika no gusoma imigabane itarenze ikizima kandi ikita kitarenga 10.

##### ***Ubukesha***

- Gukoresha ukuri mu igabana ry'ibintu bitandukanye.
- Kugaragaza umuco wo gusangira n'abandi.
- Kugira umuco w'ubutabera.

#### **b. Imyitozo y'isubiramo /Intangiriro**

- Imyitozo inyuranye yo gusoma no kwandika imigabane itarenze ikizima kandi ikita kitarenze 10 iri mu gitabo cy'umunyeshuri.
- Guha abanyeshuri imfashanyigisho zihagije bari bukatemo imigabane itarenze ikizima kandi ikita kitarenze 10.
- Gutegura uko ari bufashe abanyeshuri bafite ibyo bagenerwa byihariye mu myigire yabo.

#### **c. Imfashanyigisho**

- Ibikoresho binyuranye byo kugabanyamo imigabane nk'igisheke, icunga, uduti, isabune, ibipapuro,...
- Ibishushanyo biriho imigabane mu mabara atandukanye, udupapuro dukasemo tugaragaza imigabane.

#### **d. Ibikorwa by'imyigire n'imyigishirize**

- Guhereza abanyeshuri amakarita y'imigabane ifite ikita kitarenga 10 maze buri wese agasoma umugabane uri ku ikarita yahawe ndetse akanawandika mu magambo mu ikayi ye y'imyitozo.
- Gushyira abanyeshuri mu matsinda maze ukabaha udupapuro bakatwandikaho imigabane ifite ikita kitarenze 10 bashaka nyuma bakayisoma ndetse bakanayandika mu magambo.
- Gushyira amakarita y'imigabane ifite ikita kitarenga 10 mu gakarito maze buri munyeshuri akajya gutombora ikarita iriho umugabane yamara gutombora akawusoma ndetse akanawandika mu magambo ku kibaho.

**e. Ikomatanya ry'ibyizwe**

Kuyobora abanyeshuri mu kuvuga muri make uko basoma kandi bandika imigabane n'amategeko bakurikiza.

**f. Isuzuma**

Guha abanyeshuri imyitozo iri ku rupapuro rwa 105 na 106 mu gitabo cy'umunyeshuri yo gusoma no kwandika imigabane itarenze ikizima kandi ikita kitarenze 10.

**g. Ibisubizo by'imyitozo n'ibikorwa bijyanye n'iki kigwa**

**Gusoma no kwandika imigabane itarenze ikizima kandi ikita kitarenze 10**

Nsuzuma ngusuzume iri ku rupapuro rwa 103 mu gitabo cy'umunyeshuri.

- a)  $\frac{1}{2}$       b)  $\frac{2}{8}$       c)  $\frac{2}{4}$

**Ibisubizo by'imyitozo iri ku rupapuro rwa 103 mu gitabo cy'umunyeshuri**

- 1) a)  $\frac{2}{10}$       b)  $\frac{4}{10}$       c)  $\frac{1}{10}$       d)  $\frac{3}{10}$   
2) a)  $\frac{3}{9}$       c)  $\frac{1}{9}$       e)  $\frac{4}{9}$       g)  $\frac{3}{9}$       i)  $\frac{5}{9}$   
b)  $\frac{6}{9}$       d)  $\frac{2}{9}$       f)  $\frac{2}{9}$       h)  $\frac{2}{9}$

**4.9.2 Ikigwa cya kabiri: Gushushanya no gusiga amabara imigabane itarenze ikizima kandi ikita kitarenze 10 (Isomo 1)**

**a. Intego**

*Ubumenyi*

Gusobanukirwa imigabane igize ikizima.

*Ubumenyingiro*

Gushushanya no gusiga amabara imigabane itandukanye itarenga ikizima.

*Ubukesha*

- Gukoresha ukuri mu kugabanya aringaniza.
- Kugira umuco wo gusangira n'abandi atikunda.

**b. Imyitozo y'isubiramo /Intangiriro**

- Imyitozo inyuranye yo gusoma kwandika no gushushanya imigabane itarenze ikizima kandi ikita kitarenze 10 iri mu gitabo cy'umunyeshuri
- Guha abanyeshuri imfashanyigisho baza gukoresha
- Gutegura uko ari bufashe abanyeshuri bafite ibyo bagenerwa byihariye mu myigire yabo

**c. Imfashanyigisho**

- Ibikoresho binyuranye byo kugabanyamo imigabane nk'igisheke, icunga, uduti, isabune, ibipapuro,...
- Ibishushanyo biriho imigabane mu mabara atandukanye.

**d. Ibikorwa by'imyigire n'imyigishirize**

- Guha abanyeshuri urugero rw'uburyo washushanya ndetse ukanasiga amabara imigabane itarenze ikizima kandi ikita kitarenze 10.
- Guha abanyeshuri babiribabiri umwitoto wo gushushanya no gusiga amabara imigabane itarenze ikizima kandi ikita kitarenze 10.
- Gushyira abanyeshuri mu matsinda bagakora umwitoto wo kwandika mu mibare no mu magambo imigabane yashushanyijwe.

**e. Ikomatanya ry'ibyzwe**

Kuyobora abanyeshuri mu kuvuga muri make uko bashushanya umugabane bakurikije ibice byaciwe mu kizima n'uko bawugaragaza basigamo ibara.





**f. Isuzuma**




Guha abanyeshuri imyitoto iri ku rupapuro 105 na 106 mu gitabo cy'umunyeshuri yo gushushanya no gusiga amabara imigabane itandukanye itarenga ikizima kandi ikita kitarenga 10.

**g. Ibisubizo by'imyitoto n'ibikorwa bijyanye n'iki kigwa**

**Gushushanya no gusiga amabara imigabane itarenze ikizima ikita kitarenze 10**

**Imyitoto iri ku rupapuro rwa 105 mu gitabo cy'umunyeshuri**

- |       |   |    |  |    |   |
|-------|---|----|--|----|---|
| 1) a) |  | d) |  |    |   |
|       | $\frac{4}{5}$ : Bine bya gatanu   |    | $\frac{7}{9}$ : Birindwi by'ikenda   |    |   |
| b)    |  | e) |  |    |   |
|       | $\frac{2}{3}$ : Bibiri bya gatatu   |    | $\frac{6}{7}$ : Bitandatu bya karindwi   |    |   |
| c)    |  | f) |  |    |   |
|       | $\frac{3}{8}$ : Bitatu by'umunani   |    | $\frac{4}{10}$ : Bine by'icumi   |    |   |
| 2) a) |  | b) |   | c) |  |



4) a)  $\frac{1}{2}$  : Kimwe cya kabiri b)  $\frac{3}{8}$  : Bitatu by'umunani c)  $\frac{4}{4}$  : Bine bya kane

5) a) :  $\frac{9}{10}$

b) :  $\frac{7}{8}$

c) :  $\frac{7}{9}$

d) :  $\frac{3}{10}$

e) :  $\frac{7}{10}$

f) :  $\frac{5}{8}$

| a) Saa munani ibura 15 | d) Saa munani ibura 15 |
| b) Saa kenda ibura 15  | e) Saa kenda ibura 15  |
| c) Saa kumi ibura 15   | f) Saa kumi ibura 15   |

**Ibisubizo by'imyitozo iri ku rupapuro rwa 209 mu gitabo cy'umunyeshuri**

- |   |   |
|---|---|
| 1) a)  9:15 | b)  9:15 |
| 2) a) Saa sita na 15  | b) Saa moyo na 15   |



### **Gusoma ukandika igihe kerekawne ku isaha**



**Nsuzuma ngusuzume iri ku rupapuro rwa 211 mu gitabo cy'umunyeshuri**

- |                      |             |                       |
|----------------------|-------------|-----------------------|
| a) Saa kenda na 15   | c) Saa tanu | e) Saa mbiri ibura 15 |
| b) Saa tatu ibura 15 | d) Saa tanu | f) Saa sita na 15     |

**Ibisubizo by'imyitozo iri ku rupapuro rwa 211 mu gitabo cy'umunyeshuri**

- |               |                    |                     |
|---------------|--------------------|---------------------|
| 1 a) Saa sita | b) Saa kumi n'imwe | c) Saa tanu n'igice |
|---------------|--------------------|---------------------|

- |  |  |
|--|--|
| 2) a)  9:15 | b)  3:30 |
|--|--|



### 9.9.2 Ikiga cya kabiri: Gukoresha neza indangaminsi (Amasomo 6)

#### a. Intego

*Ubumenyi*

Gusobanukirwa uko bakoresha neza indangaminsi.

*Ubumenyingiro*

Gukoresha neza indaminsi.

*Ubukesha*

Kugira no kubahiriza gahunda akoresha neza indangaminsi mu buzima busanzwe.

#### b. Imyitozo y'isubiramo /Intangiriro

- Imyitozo inyuranye yo gukoresha indangaminsi.
- Guha abanyeshuri imfashanyigisho baza gukoresha.
- Gutegura uko ari bufashe abanyeshuri bafite ibyo bagenerwa byihariye mu myigire yabo.

#### c. Imfashanyigisho

- Amasaha y'imibare n'ay'inshinge.
- Ibishushanyo bishushanyijeho indangaminsi zinyuranye zo gukoresha basoma cyangwa bandika igihe cyabajijwe.

#### d. Ibikorwa by'imyigire n'imyigishirize

- Yobora abanyeshuri bitegerezze indangaminsi maze uyibabazeho ibibazo bituma batahura iminsi igize icyumweru n'amezi agize umwaka.
- Shyira abanyeshuri mu matsinda bakore imyitozo yo gutandukanya umwaka usanzwe n'umwaka udasanzwe.
- Hereza abanyeshuri urugero rw'uko bahindura imyaka mu mezi, ibyumweru mu minsi n'iminsi mu masaha.
- Hereza buri munyeshuri cyangwa babiribabiri imyitozo yo guhindura imyaka mu mezi, ibyumweru mu minsi n'iminsi mu masaha.

#### e. Ikomatanya ry'ibiyizwe

Kuyobora abanyeshuri mu kuvuga muri make uko bakoresha indangaminsi.

#### e. Isuzuma

Guha abanyeshuri imyitozo iri ku rupapuro rwa rwa 214 mu gitabo cy'umunyeshuri yo gukoresha indangaminsi.

**g. Ibisubizo by'imyitozo n'ibikorwa bijyanye n'iki kigwa**

**Ibisubizo by'imyitozo iri ku rupapuro rwa 214 mu gitabo cy'umunyeshuri**

- 1) 1990 1995 1993 1991
- 2) 1996
- 3) 1999, 2001, 2002, 2003, 2005, 2007, 2009, 2010, 2011, 2013, 2014, 2015, 2017, 2018, 2019

**Nsuzuma ngusuzume iri ku rupapuro rwa 215 mu gitabo cy'umunyeshuri**

- a) Imyaka 9 ingana n'amezi 108
- b) Imyaka 10 ingana n'amezi 120
- c) Imyaka 15 ingana n'amezi 180
- d) Imyaka 8 ingana n'amezi 96
- e) Imyaka 7 ingana n'amezi 84
- f) Imyaka 13ingana n'amezi 156

**Reka nisuzume iri ku rupapuro rwa 215 mu gitabo cy'umunyeshuri**

- a) Imyaka 2 ingana n'amezi 24
- b) Imyaka 3 ingana n'amezi 36
- c) Imyaka 4 ingana n'amezi 48
- d) Imyaka 11 ingana n'amezi 132
- e) Imyaka 12 ingana n'amezi 144
- f) Imyaka 14 ingana n'amezi 168

**Nsuzuma ngusuzume iri ku rupapuro rwa 215 mu gitabo cy'umunyeshuri**

- a) Ibyumweru 9 bingana n'iminsi 63
- b) Ibyumweru 11 bingana n'iminsi 77
- c) Ibyumweru 15 bingana n'iminsi 105
- d) Ibyumweru 20 bingana n'iminsi 140
- e) Ibyumweru 8 bingana n'iminsi 56
- f) Ibyumweru 5 bingana n'iminsi 35

**Reka nisuzume iri ku rupapuro rwa 215 mu gitabo cy'umunyeshuri**

- a) Ibyumweru 19 bingana n'iminsi 133
- b) Ibyumweru 31 bingana n'iminsi 217
- c) Ibyumweru 45 bingana n'iminsi 315
- d) Ibyumweru 80 bingana n'iminsi 560
- e) Ibyumweru 38 bingana n'iminsi 266
- f) Ibyumweru 35 bingana n'iminsi 245

**Ibisubizo by'imyitozo iri ku rupapuro rwa 215 mu gitabo cy'umunyeshuri**

- a) Ibyumweru 24 bingana n'iminsi 168
- b) Ibyumweru 19 bingana n'iminsi 133
- c) Ibyumweru 55 bingana n'iminsi 385
- d) Ibyumweru 40 bingana n'iminsi 280
- e) Ibyumweru 82 bingana n'iminsi 574
- f) Ibyumweru 56 bingana n'iminsi 392

**Nsuzuma ngusuzume iri ku rupapuro rwa 216 mu gitabo cy'umunyeshuri**

- a) Iminsi 15 ingana n'amasaha 360
- b) Iminsi 7 ingana n'amasaha 168
- c) Iminsi 10ingana n'amasaha 240
- d) Iminsi 8 ingana n'amasaha 192
- e) Iminsi 18 ingana n'amasaha 432
- f) Iminsi 25 ingana n'amasaha 600

**Reka nisuzume iri ku rupapuro rwa 216 mu gitabo cy'umunyeshuri**

- a) Iminsi 13 ingana n'amasaha 312
- b) Iminsi 6 ingana n'amasaha 144
- c) Iminsi 9 ingana n'amasaha 216
- d) Iminsi 17 ingana n'amasaha 408
- e) Iminsi 35 ingana n'amasaha 840
- f) Iminsi 4 ingana n'amasaha 96

**Ibisubizo by'imyitozo iri ku rupapuro rwa 215 mu gitabo cy'umunyeshuri**

- a) Iminsi 3 ingana n'amasaha 72
- d) Iminsi 14 ingana n'amasaha 336

- |                                  |                                   |
|----------------------------------|-----------------------------------|
| b) Iminsi 4 ingana n'amasaха 96  | e) Iminsi 16 ingana n'amasaха 384 |
| c) Iminsi 5 ingana n'amasaха 120 | f) Iminsi 19 ingana n'amasaха 456 |

### **9.9.3 Ikigwa cya gatatu: Gukora gahunda y'ibikorwa (Amasomo 2)**

#### **a. Intego**

##### ***Ubumenyi***

Gusobanukirwa uko bakora gahunda y'ibikorwa.

##### ***Ubumenyingiro***

Gukora gahunda y'ibikorwa.

##### ***Ubukesha***

Kugaragaza umuco wo kubahiziza gahunda y'ibikorwa.

#### **b. Intangiriro/Isubiramo**

- Gushyira abanyeshuri mu matsinda
- Kubasaba kuganira kuri gahunda z'ibikorwa byabo bya buri munsi
- Gutegura uko ari bufashe abanyeshuri bafite ibyo bagenerwa byihariye mu myigire yabo.

#### **c. Imfashanyigisho**

- Amasaha y'imibare n'ay'inshinge.
- Impapuro n'amakaramu byo gukoresha bategura gahunda y'ubikorwa byabo.

#### **d. Ibikorwa by'imyigire n'imyigishirize**

- Somesha abanyeshuri gahunda y'ibikorwa bya buri cyumweru bya Mugisha ndetse na gahunda y'ibikorwa bya buri kwezi ya Kamariza ziri mu bitabo byabo hanyuma ubashyira mu matsinda baganire kuri buri gahunda.
- Yobora abanyeshuri mu kiganiro hagati yabo kivuga kuri gahunda y'ibikorwa by'abanyeshuri bya buri munsi n'iy'ibikorwa by'abanyeshuri bya buri cyumweri maze uhitemo abanyeshuri babiri bazajya bandika ibyo mwemeranijwe ku kibaho.
- Saba buri munyeshuri kwandika gahunda y'ibikorwa bye bya buri munsi n'iy'ibikorwa bye bya buri cyumweri hanyuma uhe buri wese umwanya wo kubisobanura.

#### **e. Ikomatanya ry'ibyzwe**

Kuyobora abanyeshuri mu kuvuga muri make uko bakwiye gukora gahunda y'ibikorwa byabo n'uko bayubahiriza.

#### **f. Isuzuma**

Guha abanyeshuri igikorwa cya 2 kiri ku rupapuro rwa 217 mu gitabo cy'umunyeshuri y'uko bakwiye gukora gahunda y'ibikorwa byabo n'uko bayubahiriza.

## 9.10 Gusoza umutwe

### a. Inshamake y'ibikubiye muri uyu mutwe

- Gusoma no kuvuga igihe kerekawewe n'isaha, amasaha agize umunsi, iminsi y'ukwezi n'iy'umwaka, amezi
- Gukora gahunda y'ibikorwa by'icyumweru.

### b. Ubumenyi bw'inyongera umwarimu asabwa kugira


- Kumenya kuyobora ibikorwa byose kandi yita kuri buri munyeshuri nta we asize inyuma
- Gusobanura ku buryo bwimbitse ibirebana n'ingero z'igihe cyanecyane imikoreshereze yazo mu buzima busanzwe.
- Gutegura no gukoresha neza imfashanyigisho zinyuranye
- Kumenya uko yacengeza ingingo nsanganyamasomo igihe yigisha Imibare.
- Kumenya neza imygishirize y'Imibare iyyanye n'integanyanyigisho ishingiye ku bushobozzi.
- Kumenya amoko anyuranye y'amasaha n'imiterere yayo.
- Kumenya amoko y'indangaminsi atandukanye.

### c. Ibisubizo by'isuzuma risoza umutwe wa 9 riri ku rupapuro rwa 220 mu gitabo cy'umunyeshuri


- |                                      |                                     |           |                |
|--------------------------------------|-------------------------------------|-----------|----------------|
| 1) a) Saa munani ibura 15            | c) Saa moya n'igice                 |           |                |
| b) Saa yine                          | d) Saa yine                         |           |                |
| 2) a) Imyaka 40 ingana n'amezi 480   |                                     |           |                |
| b) Ibyumweru 50 bingana n'iminsi 350 |                                     |           |                |
| c) Iminsi 33 ingana n'amasaha 792    |                                     |           |                |
| d) Imyaka 19 ingana n'amezi 228      |                                     |           |                |
| e) Iminsi 29 ingana n'amasaha 696    |                                     |           |                |
| f) Ibyumweru 52 bingana n'iminsi 364 |                                     |           |                |
| 3) a) 365 / 366                      | b) 7 / 24                           | c) 4 / 52 | d) Gashyantare |
| 4) 2002, 2007, 2005                  |                                     |           |                |
| 5) 2000, 2016, 2008, 2012            | 6) 2012 ; 2016 ; 2020 ; 2024 ; 2028 |           |                |

### d. Imyitozo y'umwihariko ihabwa abanyeshuri bagenda buhoro mu myigire


- 1) Soma uvuge igihe



Saa moya niminota 15




Saa kenda zibura 15



Saa moya n'igice


- 2) Shushanya isaha yerekana saa tatu n'igice




- 3) Soma ku ndangaminsi ya 2018 uvuge iminsi igize ukwezi kwa:
- Mata igira iminsi 30, Ukwakira kugira iminsi 31, Ukuboza kugira iminsi 31
  - Vuga amezi 3 afite iminsi 31: Mutarama, Werurwe, Gicurasi, ...

e. **Imyitozo y'umwihariko ihabwa abanyeshuri bafite impango yo gufata vuba no kwihuta kurusha abandi mu myigire n'ibisubizo byayo**


- 1) Soma uvuge igihe kigaragazwa ku isaha



Saa munani n'iminota 30




Saa tanu zibura 15



Saa munani n'iminota 15

- 2) Shushanya isaha ushyiremo imibare igize isaha, urushinge rw'amasha n'urw'iminota, hanyuma werekane saa munani ibura 15



- 3) Itegerezze indangaminsi ya 2018 ukore ukwezi kwa 1 kwa 2019

Ku Cyumweru	Ku wa Mbere	Ku wa Kabiri	Ku wa Gatatu	Ku wa Kane	Ku wa Gatanu	Ku wa Gatandatu
		1	2	3	4	5
6	7	8	9	10	11	12
13	14	15	16	17	18	19
20	21	22	23	24	25	26
27	28	29	30	31		

## Umutwe wa 10: Amoko y'imirongo n'imfuruka

### 10.1 Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe

- Guca no gutahura imirongo iteganye ikorana inguni n'inyuranamo
- Gushushanya no kugereranya imfuruka igororotse, ifunganye n'iyagutse

### 10.2 Ibyizwe mbere bifitanye isano n'uyu mutwe

Amoko y'imirongo n'ay'imfuruka.

### 10.3 Ubumenyi ngingo nsanganyamasomo buri muri uyu mutwe n'uko bugerwaho

- *Uburezi budaheza* mu gihe adahutaza abo bigana bafite n'ubumuga cyangwa imibogamizi mu myigire yabo.
- *Umuco w'amahoro* mu gihe umunyeshuri akorana na bagenzi be mu bwumvikane nta we abangamiye.
- *Umuco wo gukoresha neza umutungo* igihe akoresha ibikoresho binyuranye akora imfuruka zinyuranye kandi akirinda kubyangiza.

### 10.4 Ubushobozi umunyeshuri azunguka muri uyu mutwe

- *Gukoresha invugo isobanutse* igihe yandika cyangwa asoma imirongo n'imfuruka.
- *Kugira amashyushyu* yo guhora yiyungura ubumenyi ku mirongo n'imfuruka.
- *Kwikemurira ibibazo* mu gihe umunyeshuri akoresha neza imfashanyigisho yikorera uducamurongo n'inguni.

### 10.5 Amagambo umunyeshuri yunguka muri uyu mutwe

**Ingeramfuruka:** agakoresho ko mu mibare bapimisha imfuruka

**Agacamurongo:** agakoresho ko mu mibare bacisha imirongo

**Imfuruka igororotse:** ni imfuruka ipima dogere 90

**Imfuruka yagutse:** ni imfuruka ipima dogere zirenga 90

**Imfuruka ifunganye:** ni imfuruka ipima dogere zitageze kuri 90

### 10.6 Uburyo bwo gusesengura ikibazo nyamukuru

- Umwarimu asomesha agakuru kajyanye n'ikibazo cy'umuhinzi wa kijyambere utazi gutunganya umurima we neza mbere yo gutera bityo agatera ibihingwa bye mu kajagari.
- Asaba abanyeshuri kukaganiraho no kugatangaho ibitekerezo bagaragaza icyo akeneye gusobanukirwa mu mibare kugira ngo age atera ibihinwa bye mu buryo bunoze.
- Abasobanurira ko ibisubizo nyabyo bazajya babibona mu masomo bagiye kwiga muri uyu mutwe.

## **10.7 Uko umwarimu yita by'umwihariko ku bafite ibibazo byihariye yigisha uyu mutwe**

- Abafata bitinze bategurire imyitozo usanga mu gitabo cy'umwarimu; yoroshye ugereranyije n'iy'abandi.
- Abafite ubumuga bw'ingingo banza umenye izo ari zo ubategurire imfashanyigisho zihariye n'imyitozo wagenera buri wese.
- Abafite impano yo kumva no gukora vuba cyane bahe imyitozo usanga mu gitabo cy'umwarimu, ituma batarangaza abandi.

## **10.8 Ibyigwa biri muri uyu mutwe**

	<b>Urutonde rw'ibyigwa</b>	<b>Umubare w'amasomo:12</b>
1	Amoko y'imirongo	5
2	Amoko y'ifuruka	5
3	Isuzuma risoza umutwe	2

## **10.9 Imyigishirize ya buri kigwa**

### **10.9.1 Ikigwa cya mbere: Amoko y'imirongo (Amasomo 5)**

#### **a. Intego**

##### ***Ubumenyi***

Gusobanukirwa amoko y'imirongo.

##### ***Ubumenyi***

Gusobanukirwa amoko y'imirongo.

##### ***Ubukesha***

Kwitegerezza, gushishoza no gukora ibibereye ijisho.

#### **b. Imyitozo y'isubiramo /Intangiriro**

- Imyitozo inyuranye yo gutandukanya no guca imirongo.
- Guha abanyeshuri imfashanyigisho zihagije bari bwifashishe baca imirongo.
- Gutegura uko ari bufashe abanyeshuri bafite ibyo bagenerwa byihariye mu myigire yabo.

#### **c. Imfashanyigisho**

Impapuro nini zikomeye, uducamurongo, metero, inguni, amakaramu anyuranye.

#### **d. Ibikorwa by'imyigire n'imyigishirize**

- Shyira abanyeshuri mu matsinda maze ubasabe guca imirongo igororotse, ifunganye, ivunaguye, iteganye, inyuranamo, ...
- Saba abanyeshuri kwitegerezza imirongo bashushanyije bavuge amazina y'imirongo inyuranamo igakora imfuruka zigororotse, zifunganye cyangwa zagutse.

- Ha buri munyeshuri umwanya wo guca nibura umurongo umwe kuri buri bwoko bw’imirongo yizwe.

**e. Ikomatanya ry’ibizwe**

Kuyobora abanyeshuri mu kuvuga muri make amoko y’imirongo n’uko bayica.

**f. Isuzuma**

Guha abanyeshuri imyitozo iri ku rupapuro rwa 224 mu gitabo cy’umunyeshuri ku moko y’imirongo.

**g. Ibizubizo by’imyitozo n’ibikorwa bijyanye n’iki kigwa**

**Ibisubizo by’imyitozo iri ku rupapuro rwa 224 mu gitabo cy’umunyeshuri**

- A na B ni imirongo iteganye
- A na C ni imirongo inyuranamo ikora imfuruka yagutse n’ifunganye
- A na D ni imirongo inyuranamo ikora imfuruka zigororotse
- A na F ni imirongo inyuranamo ikora imfuruka yagutse n’ifunganye
- A na E ni imirongo inyuranamo ikora imfuruka zigororotse
- B na D ni imirongo inyuranamo ikora imfuruka zigororotse
- B na C ni imirongo inyuranamo ikora imfuruka yagutse n’ifunganye
- B na E ni imirongo inyuranamo ikora imfuruka zigororotse

**10.9.2 Ikigwa cya kabiri: Amoko y’imfuruka (Amasomo 5)**

**a. Intego**

***Ubumenyi***

Gusobanukirwa amoko y’imfuruka.

***Ubumenyingiro***

Gutandukanya no gushushanya amoko y’imfuruka.

***Ubukesha***

Kwitegereza, gushishoza no gukora ibibereye ijisho.

**b. Imyitozo y’isubiramo/Intangiriro**

- Imyitozo inyuranye yo gutandukanya no gushushanya imfuruka.
- Guha abanyeshuri imfashanyigisho zihagije bari bwifashishe bashushanya imfuruka.
- Gutegura uko ari bufashe abanyeshuri bafite ibyo bagenerwa byihariye mu myigire yabo.

**c. Imfashanyigisho**

Impapuro nini zikomeye, uducamurongo, metero, inguni, amakaramu anyuranye, ingeramfuruka.

**d. Ibikorwa by'imyigire n'imyigishirize**

- Shyira abanyeshuri mu matsinda maze ubasabe guca imfuruka igororotse, ifunganye n'iyagutse bakoreshe irate n'ingeramfuruka.
- Saba abanyeshuri kwitegerezza imfuruka bashushanyije maze bavuge amazina y'imirongo ikora imfuruka igororotse, iyagutse n'ifunganye.
- Ha buri munyeshuri umwanya wo guca imfuruka igororotse, iyagutse n'ifunganye, akoreshe ingeramfuruka azipime hanyuma agereranye ibipimo byazo.

**e. komatanya ry'ibyzwe**

Kuyobora abanyeshuri mu kuvuga muri make amoko y'imfuruka n'uko bayica.

**f. Isuzuma**

Guha abanyeshuri imyitozo iri ku rupapuro rwa 228 na 229 mu gitabo cy'umunyeshuri ku moko y'imfuruka.

**g. Ibisubizo by'imyitozo n'ibikorwa bijyanye n'iki kigwa**


**Ibisubizo by'imyitozo iri ku rupapuro rwa 227 mu gitabo cy'umunyeshuri**

- 1) Ibisubizo biratandukanye bitewe n'imfuruka buri munyeshuri azabona ku ishusho.
- 2) a) Imfuruka igororotse  
b) Imfuruka ifunganye  
c) Imfuruka yagutse

**Ibisubizo by'imyitozo iri ku rupapuro rwa 228–229 mu gitabo cy'umunyeshuri**

1. a) Dogere 120      c) Dogere 30      e) Dogere 50      g) Dogere 30  
b) Dogere 90      d) Dogere 135      f) Dogere 90      h) Dogere 130

2.



## **10.10 Gusoza umutwe**

**a. Inshamake y'ibikubiye muri uyu mutwe**

Amoko y'imirongo n'amoko y'imfuruka

**b. Ubumenyi bw'inyongera umwarimu asabwa kugira**

- Kumenya kuyobora ibikorwa byose kandi yita kuri buri munyeshuri nta we asize inyuma.
- Gusobanura ku buryo bwimbitse ibirebana n'amoko y'imirongo n'ay'imfuruka cyane cyane imikoreshereze yazo mu buzima busanzwe.
- Gutegura no gukoresha neza imfashanyigisho zinyuranye.
- Kumenya uko yacengeza ingingo nsanganyamasomo igihe yigisha Imibare
- Kumenya neza imyigishirize y'Imibare ijjanye n'integanyanyigisho ishingiye ku bushobozi.
- Kumenya uko baca byihuse imirongo n'imfuruka n'uko agenzura ko bigororotse.
- Kumenya neza gushushanya akoresheje intoki n'ibikoresho bya Jewometiri.

**c. Ibisubizo by'isuzuma risoza umutwe wa 10 riri ku rupapuro rwa 233 mu gitabo cy'umunyeshuri**

2) a) Imirongo iteganye

- b) Imirongo inyuranamo ikora imfuruka yagutse n'ifunganye
- c) Imirongo inyuranamo ikora imfuruka zigororotse
- d) Imirongo inyuranamo ikora imfuruka zigororotse
- e) Imirongo inyuranamo ikora imfuruka yagutse n'ifunganye
- f) Imirongo inyuranamo ikora imfuruka yagutse n'ifunganye

3) a) Imfuruka igororotse b) Imfuruka ifunganye c) Imfuruka yagutse

6) a) Oya    b) Yego    c) Yego    d) Yego

**d. Imyitozo y'umwihariko ihabwa abanyeshuri bagenda buhoro mu myigire n'ibisubizo byayo**

1. Shushanya amoko uzi y'imirongo igororotse inyuranye uvuge amazina yayo
2. Erekana ibintu 2 mu ishuri biriho imirongo ikorana inguni uvuge uko iyo nguni iteye.
3. Wifashishiye urupapuro rw'utuzu n'agacamurongo, shushanya imfuruka igororotse n'iyagutse.

**Ibisubizo by'imyitotozo y'umwihariko ihabwa abanyeshuri bagenda buhoro mu myigire n'ibisubizo byayo**

1) Umurongo uhagaze

Umurongo uberamiye iburyo

Umurongo utambitse

Umurongo uberamiye ibumoso


2, 3 Ibisubizo biratandukanye bikurikije ibyo buri munyeshuri ahitamo.

e. **Imyitotozo y'umwihariko ihabwa abanyeshuri bafite impano yo gufata vuba no kwihuta kurusha abandi mu myigire n'ibisubizo byayo**

1. Shushanya imirongo ikorana inguni igororotse ukoresheje agacamurongo
2. Shushanya imirongo ikorana inguni yagutse n'ifunganye ukoresheje intoki gusa.
3. Shushanya ikintu uzi kigaragaza inguni z'amoko atandukanye.

f. **Ibisubizo by'imyitotozo y'amwihariko ihabwa abanyeshuri bafite impano yo gufata vuba no kwihuta karusha abandi**


1)



2)




a)



b)

3)



**Urugero:** Idirishya

## Umutwe wa 11: Kare urukiramende, mpandeshatu n'uruziga

### 11.1 Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe

- Gushushanya no kuranga kare, urukiramende, mpandeshatu n'uruziga.
- Gushaka umuzenguruko wa kare, urukiramende na mpadeshatu.

### 11.2 Ibyizwe mbere bifitanye isano n'uyu mutwe

Gutahura kare, urukiramende na mpandeshatu mu yandi mashusho no kubishakira umuzenguruko.

### 11.3 Ubumenyi ku ngingo nsanganyamasomo buri muri uyu mutwe n'uko bugerwaho

- *Gufata neza ibidukikije* bugaragara igihe abanyeshuri bose basukura aho bakorera, bafata neza imfashanyigisho bakoresheje cyangwa bashaka imfashanyigisho nta kintu bangiza.
- *Umuco wo gukoresha neza umutungo* ugaragara mu myitozo isaba abanyeshuri gucunga neza imfashanyigisho bashushanyisha cyangwa bapimisha.
- *Umuco w'amahoro* ugaragara mu bikorwa byo mu matsinda aho umunyeshuri akorana na bagenzi be mu bwumvikane nta we abangamiye.

### 11.4 Ubushobozi umunyeshuri azunguka muri uyu mutwe

- *Gushyikirana n'abandi* igihe buri munyeshuri akorera mu matsinda cyangwa afatanya n'abandi.
- *Gukoresha imvugo isobanutse* igihe yandika cyangwa asoma ibiranga kare, urukiramende, mpandeshatu n'uruziga.
- *Kwikemurira ibibazo* mu gihe akoresha neza imfashanyigisho yikorera amashushongero atandukanye kandi akirinda kuyangiza.

### 11.5 Amagambo umunyeshuri yunguka muri uyu mutwe

**Mpandeshatu nyampanga:** ifite impande ebyiri zingana

**Mpandeshatu ndinganire:** ifite impande zose zingana

**Mpandeshatu nyanguni:** ifite impande ebyiri zikora imfuruka igororotse

**Mpandeshatu ibonetse yose:** ifite impande eshatu ziteye ku buryo bunyuzanye kandi zitangana

**Umurambararo :** umurongo usanganya uruziga uciye mu izingiro

**Izingiro:** akadomo rwagati mu ruziga

**Akarambararo:** akarongo kava ku izingiro kakagera ku murongo w'uruziga

**Impuzampembe:** umurongo uhuza impembe ebyiri ziteganye z'ishushongero

**Ingwagati:** umurongo ugabanya ishushongero mo kabiri ku buryo uhuriza rwagati utudomo tubiri tw'impande ziteganye.

## **11.6 Uburyo bwo gusesengura ikibazo nyamukuru**

Umwarimu asomesha agakuru kajyanye n'ikibazo cy'umuntu utazi ishusho y'umurima we ndetse n'umuzenguruko wawo kandi akeneye kuwuzitira.

- Asaba abanyeshuri kukaganiraho no kugatangaho ibitekerezo bagaragaza icyo akeneye gusobanukirwa mu mibare kugira ngo atazongera guhura n'icyo kibazo.
- Abasobanurira ko ibisubizo nyabyo bazajya babibona mu masomo bagiye kwiga muri uyu mutwe.

## **11.7 Uko umwarimu yita by'umwihariko ku bafite ibibazo byihariye yigisha uyu mutwe**

- Abafata bitinze bategurire imyitozo usanga mu gitabo cy'umwarimu; yoroshye ugereranyije n'iy'abandi.
- Abafite ubumuga bw'ingga banza umenye izo ari zo ubategurire imfashanyigisho zihariye n'imyitozo wagenera buri wese.
- Abafite impano yo kumva no gukora vuba cyane bahe imyitozo usanga mu gitabo cy'umwarimu, ituma batarangaza abandi.

## **11.9 Ibyigwa biri muri uyu mutwe**

	Ibyigwa	Umubare w'amasono: 36
1	Ibiranga kare	4
2	Umuzenguruko wa kare	4
3	Ibiranga urukiramende	4
4	Umuzenguruko w'urukiramende	4
5	Ibiranga mpandeshatu	4
6	Amoko ya mpandeshatu	4
7	Umuzenguruko wa mpandeshatu	4
8	Ibiranga uruziga	4
9	Isuzuma risoza umutwe	4

### **11.9 Imyigishirize ya buri kigwa**

#### **11.9.1 Ikigwa cya mbere: Ibiranga kare (Amasono 4)**

##### **a. Intego**

###### ***Ubumenyi***

Gusobanukirwa ibiranga Kare.

###### ***Ubumenyingiro***

Gutandukanya ibiranga Kare.

###### ***Ubukesha***

Kwitegereza, gushishoza no gukora ibibereye ijisho.

##### **b. Imyitozo y'isubiramo /Intangiriro**

- Imyitozo inyuranye yo gutandukanya ibiranga kare.

- Guha abanyeshuri imfashanyigisho zihagije bari bwifashishe bashushanya cyangwa bakora kare.
- Gutegura uko ari bufashe abanyeshuri bafite ibyo bagenerwa byihariye mu myigire yabo.

**c. Imfashanyigisho**

- Impapuro nini zikomeye, uducamurongo, metero, inguni, amakaramu anyuranye, impapuro n'ibikarito.

**d. Ibikorwa by'imyigire n'imyigishirize**

- Koresha ingeramfuruka n'irati ushushanye kare maze usabe abanyeshuri kuyitegerezza bakavuga ibiyiranga.
- Saba abanyeshuri bage ku kibaho umwe akoreshe irati apime impande za kare washushanyije maze undi akoreshe ingeramfuruka apime imfuruka z'yo kare washushanyije.
- Yobora buri munyeshuri ashushanye kare, apime impande zayo n'imfuruka zayo agenzura ko impande ziyigize zingana ndetse ko n'imfuruka zayo zigororotse.

**e. Ikomatanya ry'ibyizwe**

Kuyobora abanyeshuri mu kuvuga muri make ibiranga kare.

**f. Isuzuma**

Guha abanyeshuri imyitozo iri ku rupapuro rwa 236 mu gitabo cy'umunyeshuri ku kuranga kare.


**g. Ibisubizo by'imyitozo n'ibikorwa bijyanye n'iki kigwa**

**kare**

**Ibiranga kare**

**Reka nisuzume iri ku rupapuro rwa 236**

- 1) Ishusho ya b ni kare kubera ko ifite impande 4 zingana



### **Nsuzuma ngusuzume iri ku rupapuro rwa 236 mu gitabo cy'umunyeshuri**

- 1) Ibisubizo biratandukanye bitewe n'ibyo umunyeshuri azasanga bifite ishusho ya kare biri mu ishuri ryabo.
- 2) Ibisubizo biratandukanye bitewe n'uko umunyeshuri azakora kare mu bikarito akayimanika mu ishuri rye.

### **Imyitozo iri ku rupapuro rwa 236 mu gitabo cy'umunyeshuri**

- 1) Ibisubizo biratandukanye bitewe n'uko umunyeshuri azasobanura ibintu azi bifite ishusho ya kare.

- 2) a) Impuzampembe      b) Ingwagati      c. Ingwagati      d) Impuzampembe

### **11.9.2 Ikigwa cya kabiri: Gushaka umuzenguruko wa kare (Amasomo 4)**

#### **a. Intego**

##### ***Ubumenyi***

Gusobanukirwa uko bashaka umuzenguruko wa kare.

##### ***Ubumenyingiro***

Gushaka umuzenguruko wa kare.

##### ***Ubukesha***

Kwitegereza, gushishoza no gukora ibibereye ijisho.

#### **b. Imyitozo y'isubiramo /Intangiriro**

- Imyitozo inyuranye yo gushaka umuzenguruko wa kare.
- Guha abanyeshuri imfashanyigisho zihagije bari bwifashishe bashaka umuzenguruko wa kare.
- Gutegura uko ari bufashe abanyeshuri bafite ibyo bagenerwa byihariye mu myigire yabo.

#### **c. Imfashanyigisho**

- Impapuro nini zikomeye, uducamurongo, metero, inguni, amakaramu anyuranye, impapuro n'ibikarito.

#### **d. Ibikorwa by'imyigire n'imyigishirize**

- Shushanya kare maze usabe abanyeshuri gupima uburebure bw'impande zose ziwigize.
- Shyira abanyeshuri mu matsinda maze ubayobore bashushanye kare nibamara kuyishushanya bashake umuzenguruko wayo.
- Hereza abanyeshuri iherizo ry'urugero ryo gushaka umuzenguruko wa kare nurangiza ubahe umwanya wo gusobanura uko ryakosowe, ukurikizeho amahurizo akorwa na babiribabiri maze akosorwe muri rusange hanyuma uhe buri munyeshuri amahurizo akora ku gitি ke.

e. **Ikomatanya ry'ibyizwe**

Kuyobora abanyeshuri mu kuvuga muri make uko bashaka umuzenguruko wa kare.

e. **Isuzuma**

Guha abanyeshuri imyitozo iri mu gitabo cy'umunyeshuri ku gushaka umuzenguruko wa kare.

g. **Ibisubizo by'imyizozo n'ibikorwa bijyanye n'iki kigwa**

**Umuzenguruko wa kare**

**Reka nisuzume iri ku rupapuro rwa 238 mu gitabo cy'umunyeshuri**

- |  |  |
|--|--|
| a) cm $125 \times 4 = \text{cm } 500$    | c) cm $602 \times 4 = \text{cm } 2\,408$ |
| b) cm $407 \times 4 = \text{cm } 1\,628$ | d) cm $765 \times 4 = \text{cm } 3\,060$ |

**Nsuzuma ngusuzume iri ku rupapuro rwa 238 mu gitabo cy'umunyeshuri**

- 1) a) cm  $640 : 4 = \text{cm } 160$       c) cm  $312 : 4 = \text{cm } 78$   
b) cm  $196 : 4 = \text{cm } 49$       d) cm  $676 : 4 = \text{cm } 169$
- 2) Umuzenguruko m  $80 \times 4 = \text{m } 320$
- 3) Uruhande m  $1700 : 4 = \text{m } 425$

**Imyitozo iri ku rupapuro rwa 238 mu gitabo cy'umunyeshuri**

- 1) Umuzenguruko cm  $145 \times 4 = \text{cm } 580$
- 2) Uruhande m  $160 : 4 = \text{m } 40$
- 3) a) Umuzenguruko cm  $25 \times 4 = \text{cm } 100$   
b) Umuzenguruko cm  $35 \times 4 = \text{cm } 140$

**11.9.3 Ikigwa cya gatatu: Ibiranga urukiramende (Amasomo 4)**

a. **Intego**

*Ubumenyi*

Gusobanukirwa ibiranga urukiramende.

*Ubumenyingiro*

Gutandukanya ibiranga urukiramende.

*Ubukesha*

Kwitegereza, gushishoza no gukora ibibereye ijisho.

b. **Imyitozo y'isubiramo /Intangiriro**

- Imyitozo inyuranye yo gutandukanya ibiranga urukiramende.
- Guha abanyeshuri imfashanyigisho zihagije bari bwifashishe bashushanya cyangwa bakora urukiramende.
- Gutegura uko ari bufashe abanyeshuri bafite ibyo bagenerwa byihariye mu myigire yabo.

**c. Imfashanyigisho**

- Impapuro nini zikomeye, uducamurongo, metero, inguni, amakaramu anyuranye, impapuro n'ibikarito.

**d. Ibikorwa by'imyigire n'imyigishirize**

- Koresha ingeramfuruka n'irati ushushanye urukiramende maze usabe abanyeshuri kurwitegereza bakavuga ibiyaranga.
- Saba abanyeshuri bage ku kibaho umwe akoreshe irati apime impande z'urukiramende washushanyije maze undi akoreshe ingeramfuruka apime imfuruka z'urwo rukiramende washushanyije.
- Yobora buri munyeshuri ashushanye urukiramende, apime impande zarwo n'imfuruka zarwo agenzura ko impande zirugize ziteganye zingana ndetse ko n'imfuruka zarwo zigororotse.

**e. Ikomatanya ry'ibyzwe**

Kuyobora abanyeshuri mu kuvuga muri make ibiranga urukiramende.

**f. Isuzuma**

Guha abanyeshuri Nsuzuma ngusuzume iri ku rupapuro rwa 240 mu gitabo cy'umunyeshuri ku kuranga urukiramende.

**g. Ibisubizo by'imyitoto n'ibikorwa bijyanye n'iki kigwa**

**Urukiramende**


**Ibiranga urukiramende**

**Nsuzuma ngusuzume iri ku rupapuro rwa 240 mu gitabo cy'umunyeshuri**

- a) Uburebure      c) Uburebure      e) Impuzampembe      g) Ubugari  
b) Impuzampembe      d) Ingwagati      f) Ingwagati      h) Ubugari

**Reka nisuzume iri ku rupapuro rwa 240 mu gitabo cy'umunyeshuri**

1)



- 2) Ishusho a) ni rwo rukiramende kubera ko ifite impande ebyirebyiri ziteganye zingana.

### **Imyitozo iri ku rupapuro rwa 241 mu gitabo cy'umunyeshuri**

- 1) Ibisubizo biratandukanye bitewe n'ibyo umunyeshuri azasanga bifite ishusho y'urukiramende biri mu ishuri ryabo.
- 2) Ibisubizo biratandukanye bitewe n'uko umunyeshuri azakora urukiramende mu bikarito akayimanika mu ishuri rye.
- 3) Ibisubizo biratandukanye bitewe n'ibyo umunyeshuri azi bifite ishusho y'urukiramende.

#### **11.9.4 Ikigwa cya kane: Gushaka umuzenguruko w'urukiramende (Amasomo 4)**

##### **a. Intego**

###### ***Ubumenyi***

Gusobanukirwa uko bashaka umuzenguruko w'urukiramende.

###### ***Ubumenyingiro***

Gushaka umuzenguruko w'urukiramende.

###### ***Ubukesha***

Kwitegereza, gushishoza no gukora ibibereye ijisho.

##### **b. Imyitozo y'isubiramo /Intangiriro**

- Imyitozo inyuranye yo gushaka umuzenguruko w'urukiramende.
- Guha abanyeshuri imfashanyigisho zihagije bari bwifashishe bashaka umuzenguruko wa kare.
- Gutegura uko ari bufashe abanyeshuri bafite ibyo bagenerwa byihariye mu myigire yabo.

##### **c. Imfashanyigisho**

- Impapuro nini zikomeye, uducamurongo, metero, inguni, amakaramu anyuranye, impapuro n'ibikarito.

##### **d. Ibikorwa by'imyigire n'imyigishirize**

- Shushanya urukiramende maze usabe abanyeshuri gupima uburebure bw'impande zose zirugize.
- Shyira abanyeshuri mu matsinda maze ubayobore bashushanye urukiramende nibamara kurushushanya bashake umuzenguruko warwo.
- Hereza abanyeshuri ihurizo ry'urugero ryo gushaka umuzenguruko w'urukiramende nurangiza ubahe umwanya wo gusobanura uko ryakosowe, ukurikizeho amahurizo akorwa na babiribabiri maze akosorwe muri rusange hanyuma uhe buri munyeshuri amahurizo akora ku giti ke.

##### **e. Ikomatanya ry'ibiyizwe**

Kuyobora abanyeshuri mu kuvuga muri make uko bashaka umuzenguruko w'urukiramende.

**f. Isuzuma**

Guha abanyeshuri imyitozo iri ku rupapuro rwa 242 mu gitabo cy'umunyeshuri ku gushaka umuzenguruko w'urukiramende.

**g. Ibisubizo by'imyitozo n'ibikorwa bijyanye n'iki kigwa**

*Umuzenguruko w'urukiramende*

**Nsuzuma ngusuzume iri ku rupapuro rwa 242 mu gitabo cy'umunyeshuri**

- a) Umuzenguruko: (cm 350 + cm 100)  $\times$  2 = cm 900
- b) Umuzenguruko: (cm 475 + cm 215)  $\times$  2 = cm 690
- c) Umuzenguruko: (cm 564 + cm 245)  $\times$  2 = cm 809
- d) Umuzenguruko: (cm 368 + cm 162)  $\times$  2 = cm 530

**Reka nisuzume iri ku rupapuro rwa 242 mu gitabo cy'umunyeshuri**

- 1) Umuzenguruko: (m 570 + m 450)  $\times$  2 = m 2 040
- 2) Umuzenguruko: (cm 750 + cm 250)  $\times$  2 = m 2 000

**Imyitozo iri ku rupapuro rwa 242 mu gitabo cy'umunyeshuri**

- 1) a) Umuzenguruko: (cm 124+ cm 98)  $\times$  2 = m 444
- b) Umuzenguruko: (cm 259+ cm 198)  $\times$  2 = m 914
- c) Umuzenguruko: (cm 412+ cm 395)  $\times$  2 = m 1 614
- d) Umuzenguruko: (cm 184+ cm 139)  $\times$  2 = m 646
- 2) Umuzenguruko: (cm 63 + cm 39)  $\times$  2 = cm 204
- 3) Umuzenguruko: (cm 250 + cm 150)  $\times$  2 = cm 900

**11.9.5 Ikiga cya gatanu: Ibiranga Mpandeshatu (Amasomo 4)**

**a. Intego**

*Ubumenyi*

Gusobanukirwa ibiranga mpandeshatu.

*Ubumenyingiro*

Gutandukanya ibiranga mpandeshatu.

*Ubukesha*

Kwitegereza, gushishoza no gukora ibibereye ijisho.

**b. Imyitozo y'isubiramo /Intangiriro**

- Imyitozo inyuranye yo gutandukanya ibiranga mpandeshatu.
- Guha abanyeshuri imfashanyigisho zihagije bari bwifashishe bashushanya cyangwa bakora mpandeshatu.
- Gutegura uko ari bufashe abanyeshuri bafite ibyo bagenerwa byihariye mu myigire yabo.

**c. Imfashanyigisho**

- Impapuro nini zikomeye, uducamurongo, metero, inguni, amakaramu anyuranye, impapuro n'ibikarito.

**d. Ibikorwa by'imyigire n'imyigishirize**

- Koresha ingeramfuruka n'irati ushushanye mpandeshatu maze usabe abanyeshuri kuyitegerezza bakavuga ibiyaranga.
- Saba abanyeshuri bage ku kibaho umwe akoreshe irati apime impande za mpandeshatu washushanyije maze undi akoreshe ingeramfuruka apime imfuruka z'iyo mpandeshatu washushanyije.
- Yobora buri munyeshuri ashushanye mpandeshatu, apime impande zayo n'imfuruka zayo.

**e. Ikomatanya ry'ibyzwe**

Kuyobora abanyeshuri mu kuvuga muri make ibiranga mpandeshatu.

**f. Isuzuma**

Guha abanyeshuri igikorwa cya 3 kiri ku rupapuro rwa 243 mu gitabo cy'umunyeshuri ku kuranga mpandeshatu.

**g. Ibisubizo by'imyitoto n'ibikorwa bijyanye n'iki kigwa**

**Mpandeshatu**

**Ibiranga mpandeshatu**

**Nsuzuma ngusuzume iri ku rupapuro rwa 248 mu gitabo cy'umunyeshuri**

- a) Mpandeshatu nyampanga                            b) Mpandeshatu ndinganire  
c) Mpandeshatu nyanguni

**11.9.6 Ikigwa cya gatandatu: Amoko ya mpandeshatu (Amasomo 4)**

**a. Intego**

***Ubumenyi***

Gusobanukirwa amoko ya mpandeshatu.

***Ubumenyingiro***

Gutandukanya amoko ya mpandeshatu.

***Ubukesha***

Kwitegerezza no gushishoza.

**b. Imyitoto y'isubiramo /Intangiriro**

- Imyitoto inyuranye ku biranga mpandeshatu.
- Guha abanyeshuri imfashanyigisho zihagije bari bwifashishe bashaka amoko ya mpandeshatu.
- Gutegura uko ari bufashe abanyeshuri bafite ibyo bagenerwa byihariye mu myigire yabo.

- c. **Imfashanyigisho**
- Impapuro nini zikomeye, uducamurongo, metero, inguni, amakaramu anyuranye, impapuro n'ibikarito.
  - Imfashanyigisho zivuga cyangwa bakorakora ku batabona.
  - Imvugo y'amarenga ku batumva n'abatavuga.
- d. **Ibikorwa by'imyigire n'imyigishirize**
- Shushanya mpandeshatu nyanguni maze usabe abanyeshuri kuyitegerezza bagasobanura ibiyiranga.
  - Shushanya mpandeshatu nyampanga maze usabe abanyeshuri kuyitegerezza bagasobanura ibiyiranga.
  - Shushanya mpandeshatu ndinganire maze usabe abanyeshuri kuyitegerezza bagasobanura ibiyiranga.
  - Shushanya mpandeshatu ibonetse yose maze usabe abanyeshuri kuyitegerezza bagasobanura ibiyiranga.
  - Shyira abanyeshuri mu matsinda maze ubasabe gushushanya amoko yose ya mpandeshatu washushanyije.
  - Shushanya mpandeshatu nyampanga, nyanguni, ndinganire n'ibonetse yose ku dupapuro twinshi maze utuvangavange udushyire mu gakarito hanyuma uge uhamagara buri munyeshuri umusabe gufata akapapuro ashaka maze avuge izina rya mpandeshatu ishushanyijeho.
- e. **Ikomatanya ry'ibyizwe**  
Kuyobora abanyeshuri mu kuvuga muri make ibiranga amoko ya mpandeshatu.
- f. **Isuzuma**  
Guha abanyeshuri Reka nisuzume iri ku rupapuro rwa 248 mu gitabo cy'umunyeshuri ku moko ya mpandeshatu.
- g. **Ibisubizo by'imyitozo n'ibikorwa bijyanye n'iki kigwa**
- Reka nisuzume iri ku rupapuro rwa 248 mu gitabo cy'umunyeshuri**
- |                                    |                          |
|------------------------------------|--------------------------|
| a) 180                             | d) Mpandeshatu nyampanga |
| b) Impande 3 n' IMFURUKA 3 zingana | e) Nyanguni              |
| c) 60                              | f) IMFURUKA 2 zingana    |
- 11.9.7 Ikigwa cya karindwi: Gushaka umuzenguruko wa mpandeshatu (Amasomo 4)**
- a. **Intego**  
***Ubumenyi***  
Gusobanukirwa uko bashaka umuzenguruko wa mpandeshatu.
- Ubumenyingiro***  
Gushaka umuzenguruko wa mpandeshatu.

### ***Ubukeshá***

Kwitegereza no gushishoza.

**b. Imyitozo y'isubiramo /Intangiriyo**

- Imyitozo inyuranye yo gushaka umuzenguruko wa mpandeshatu.
- Guha abanyeshuri imfashanyigisho zihagije bari bwifashishe bashaka umuzenguruko wa mpandeshatu.
- Gutegura uko ari bufashe abanyeshuri bafite ibyo bagenerwa byihariye mu myigire yabo.

**c. Imfashanyigisho**

Impapuro nini zikomeye, uducamurongo, metero, inguni, amakaramu anyuranye, umugozi, urudodo impapuro n'ibikarito.

**d. Ibikorwa by'imyigire n'imyigishirize**

- Shushanya mpandeshatu maze usabe abanyeshuri gupima uburebure bw'impande zose ziyigize.
- Shyira abanyeshuri mu matsinda maze ubayobore bashushanye mpandeshatu bishakiye nibamara kuyishushanya bashake umuzenguruko wayo.
- Ha abanyeshuri ihurizo ry'urugero ryo gushaka umuzenguruko wa mpandeshatu nurangiza ubahe umwanya wo gusobanura uko ryakosowe, ukurikizeho amahurizo akorwa na babiribabiri maze akosorwe muri rusange hanyuma uhe buri munyeshuri amahurizo akora ku gitit ke.

**e. Ikomatanya ry'ibiyizwe**

Kuyobora abanyeshuri mu kuvuga muri make uko bashaka umuzenguruko wa mpandeshatu.

**f. Isuzuma**

Guha abanyeshuri imyitozo iri mu gitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa 250 ku gushaka umuzenguruko wa mpandeshatu.

**g. Ibisubizo by'imyitozo inyanye n'iki kigwa**

### **Umuzenguruko wa mpandeshatu**

#### **Nsuzuma ngusuzume iri ku rupapuro rwa 248 mu gitabo cy'umunyeshuri**

- a) Umuzenguruko: cm 230 + cm 250 + cm 350 = cm 830
- b) Umuzenguruko: cm 150 + cm 150 + cm 150 = cm 450
- c) Umuzenguruko: dm 270 + dm 270 + dm 110 = dm 650
- d) Umuzenguruko: cm 75 + cm 59 + cm 68 = cm 202

#### **Reka nisuzume iri ku rupapuro rwa 250 mu gitabo cy'umunyeshuri**

- 1) Umuzenguruko: cm 97 × 3 = cm 291
- 2) Umuzenguruko: cm 195 × 3 = cm 585

## **Imyitozo iri ku rupapuro rwa 250 mu gitabo cy'umunyeshuri**

- a) Umuzenguruko: cm 30 + cm 30 + cm 30 = cm 90
- b) Umuzenguruko: cm 43 + cm 43 + cm 70 = cm156
- c) Umuzenguruko: cm 30 + cm 50 + cm 58 = cm138

### **11.9.8 Ikigwa cya munani: Ibiranga Uruziga (Amasomo 4)**

#### **a. Intego**

##### ***Ubumenyi***

Gusobanukirwa ibiranga uruziga.

##### ***Ubumenyingiro***

Gutandukanya ibiranga uruziga.

##### ***Ubukesha***

Kwitegereza no gushishoza gukora ibibereye ijisho.

#### **b. Intangiriro**

- Ibikorwa byo kwitegereza no gutahura ibiranga uruziga.
- Guha abanyeshuri imfashanyigisho zihagije bari bwifashishe.
- Gutegura uko ari bufashe abanyeshuri bafite ibyo bagenerwa byihariye mu myigire yabo.

#### **c. Imfashanyigisho**

Impapuro nini zikomeye, uducamurongo,metero, agacaruziga, imifuniko y'amacupa, udukcombe, inguni, amakaramu anyuranye, impapuro n'ibikarito.

#### **d. Ibikorwa by'imyigire n'imyigishirize**

- Koresha agacaruziga, ingeramfuruka n'irati maze ushushanye uruziga usabe abanyeshuri kurwitegereza bakavuga ibiruranga.
- Saba abanyeshuri bage ku kibaho umwe akoreshe irati apime umurambararo n'akarambararo bya mpandeshatu washushanyije.
- Yobora buri munyeshuri ashushanye uruziga, apime umurambararo n'akarambararo karwo.

#### **e. Ikomatanya ry'ibiyizwe**

Kuyobora abanyeshuri mu kuvuga muri make ibiranga uruziga.

#### **f. Isuzuma**

Guha abanyeshuri Reka nisuzume iri ku rupapuro rwa 252 mu gitabo cy'umunyeshuri ku kuranga uruziga.

#### **g. Ibisubizo by'imyitozo ijyanye n'iki kigwa**

##### **Uruziga**

**Reka nisuzume iri ku rupapuro rwa 252 mu gitabo cy'umunyeshuri**

1 na 2 ibisubizo biratandukanye.

- 3) a) Akarambararo      c) Umurambararo      e) Umurambararo  
b) Umurambararo      d) Izingiro

**Imyitozo iri ku rupapuro rwa 253 mu gitabo cy'umunyeshuri**

- a) OD ni akarambararo      d) AC ni umurambararo
  - b) OB ni akarambaro      e) OE ni akarambararo
  - c) BE ni umurambararo      f) OA ni akarambararo

## 11.10 Gusoza umutwe

**a. Inshamake y'ibikubiye muri uyu mutwe**

Ibiranga amashushongero akurikira: Kare, urukiramende, mpandeshatu n'uruziga.  
Uko bashaka umuzenguruko wa Kare, urukiramende, mpandeshatu n'uruziga.

b. Ubumenyi bw'inyongera umwarimu asabwa kugira

- Kumenya kuyobora ibikorwa byose kandi yita kuri buri munyeshuri nta we asize inyuma.
  - Gusobanura ku buryo bwimbitse ibiranga kare, urukiramende, mpandeshatu n'uruziga, uko bashaka umuzenguruko wa byo n'imikoreshereze y'ayo mashushongero mu buzima busanzwe.
  - Gutegura no gukoresha neza imfashanyigisho zinyuranye.
  - Kumenya uko yacengeza ingingo nsanganyamasomo igithe yigisha Imibare.
  - Kumenya neza imyigishirize y'Imibare ijyanye n'integanyanyigisho ishingiye ku bushobozi.
  - Kumenya uko bashushanya amashushongero n'uko agenzura ko bigororotse.
  - Kumenya neza gushushanya akoresheje intoki n'ibikoresho bya Jewometiri.

c. Ibisubizo by'isuzuma risoza umutwe wa 11 riri ku rupapuro rwa 254 – 255 mu gitabo cy'umunyeshuri

- 1) a) Uruziga d) Urukiramende  
b) Mpandeshatu nyanguni e) Mpandeshatu iyo ariyo yose  
c) Kare f) Mpandeshatu nyampanga

2) Ibisubizo biratandukanye bitewe n'uko buri mwana azashushanya amashushongero yabajijwe.

3) a) Umuzenguruko  $cm 135 \times 4 = cm 540$   
b) Umuzenguruko  $(cm 364 + cm 132) \times 2 = cm 992$   
c) Umuzenguruko  $cm 605 + cm 235 + cm 385 = cm 1225$

4) a) Oya      b) Yego      c) Oya      d) Yego      e) Oya



5) a) Umuzenguruko:  $cm 23 + cm 19 + cm 39 = cm 71$   
b) Umuzenguruko:  $(cm 50 + cm 30) \times 2 = cm 160$   
c) Umuzenguruko:  $cm 15 \times 4 = cm 60$   
d) Umuzenguruko:  $cm 50 + cm 110 + cm 50 = cm 210$

6) a) 1) Uburebure      4) Ingwagati      7) Urukiramende

- 2) Impuzampembe      5) Mpandeshatu      8) Mpandeshatu  
 3) Ubugari              6) Ingwagati

- b) 1) Umurambararo      4) Akarambararo      7) Akarambararo  
 2) Akarambararo      5) Akarambararo      8) Akarambararo  
 3) Umurambararo      6) Akarambararo

**d. Imyitozo y'umwihariko ihabwa abanyeshuri bagenda buhoro mu myigire**

- 1) Uzuza n'ijambo rikwiye  
 a) Kare igira impande .... zingana n'imfuruka .... zigororotse.  
 b) Uruhande rurerure rw'urukiramende rwitwa ...  
 c) Uruhande rugufi rw'urukiramende rwitwa ...  
 d) Mpandeshatu ndinganire igira impande .... zingana n'imfuruka ... zingana.  
 e) Akadomo ko hagati mu ruziga kitwa ...  
 f) Umurongo ugororotse uca mu izingiro ry'uruziga ukagera ku muzenguruko witwa....
- 2) Shaka umuzenguruko w'aya mashushongero
- a) 
- b) 
- c) 
- 3) Shaka umuzenguruko wa kare ifite cm 25 z'uruhande.  
 4) Shaka umuzenguruko w'urukiramende rufite cm 19 z'uburebure na cm 11 z'uruhande.

**e. Ibisubizo by'imyitozo y'umwihariko ihabwa abanyeshuri bagenda buhoro mu mwigire**

- 1) a) Kare igira impande 4 zingana n'imfuruka 4 zigororotse.  
 b) Uruhande rurerure rw'urukiramende rwitwa "Uburebure".  
 c) Uruhande rugufi rw'urukiramende rwitwa "Ubugari".  
 d) Mpandeshatu ndinganire igira impande eshatu zingana n'imfuruka 3 zingana.  
 e) Umurongo ugororotse uca mu izingiro ry'uruziga ukagera ku muzenguruko witwa "Umurambararo".
- 2) a)  $cm 8 \times 4 = cm 32$   
 b)  $(cm 14 + cm 8) \times 2 = m 44$       c)  $cm \times 3 = cm 27$
- 3)  $cm 25 \times 4 = cm 1000$   
 4)  $(cm 19 + cm 11) \times 2 = cm 60$

**f. Imyitozo y'umwihariko ihabwa abanyeshuribihuta cyane mu myigire kurusha abandi n'ibisubizo byayo**

- 1) Shushanya:
  - a) Kare ifite cm 9 z'uruhande
  - b) urukiramende rufite cm 12 z'uburebure na cm 8 z'ubugari
  - c) Mpandeshatu ndinganire ifite cm 10 z'uruhande
  - d) Mpandeshatu nyampanga
  - e) Mpandeshatu nyanguni
  - f) Mpandeshatu ibonetse yose
  - g) Uruziga rufite cm 12 z'umurambararo
- 2) Shaka umuzenguruko w'urukiramende rufite cm 75 z'uburebure na cm 55 z'ubugari.
- 3) Shaka umuzenguruko w'umurima ufite ishusho ya kare upima m 256 z'uruhande.
- 4) Shaka umuzenguruko wa mpandeshatu ifite impande zipima cm 18, cm 25 na cm 37.
- 5) Sobanura ibantu by'ingenzi biranga uruziga.

**g. Ibisubizo by'imyitozo y'umwihariko ihabwa abanyeshuribihuta cyane mu myigire kurusha abandi.**

1. Ibisubizo biratandukanye.
2. Umuzenguruko:  $(cm 75 + cm 55) \times 2 = 260 \text{ cm}$
3. Umuzenguruko:  $m 256 \times 4 = m 1024$
4. Umuzenguruko:  $cm 18 + cm 25 + cm 37 = cm 80$
5. Uruziga rurangwa n'ibantu 3 by'ingenzi ari byo:
  - Akarambararo
  - Umurambararo
  - Izingiro

## Umutwe wa 12: Ikinyatuzu

### 12.1 Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe

Kubaka ikinyatuzu, kurangamo utudomo ku mbariro n'inkingi bitarenga 10. Gushushanya amashushongero mu kinyatuzu.

### 12.2 Ibyizwe mbere bifitanye isano n'uyu mutwe

Gutahura ibiranga ikinyatuzu k'imbariro zitarenga 5

### 12.3 Ubumenyi ku ngingo nsanganyamasomo buri muri uyu mutwe n'uko bugerwaho

- *Ubwuzuzanye bw'ibitsina* byombi mu gukora imyitozo nta vangura.
- *Gufata neza ibidukikije* mu gihe ashaka imfashanyigisho atangiza ibidukikije, asukura aho akorera cyangwa afata neza imfashanyigisho yakoresheje.
- *Umoco wo gukoresha neza umutungo* igihe akoresha ibikoresho binyuranye atabyagiza akora ikinyatuzu.

### 12.4 Ubushobozi umunyeshuri azunguka muri uyu mutwe

- *Gushyikirana n'abandi* igihe umunyeshuri akorera mu matsinda cyangwa afatanya n'abandi.
- *Gukoresha imvugo isobanutse* igihe umunyeshuri akora ikinyatuzu asobanura ibikiranga.
- *Kugira amashyushyu* yo guhora yiyungura ubumenyi ku kinyatuzu.
- *Kwikemurira ibibazo* mu gihe yishakira ubwe imfashanyigisho yikorera ikinyatuzu.

### 12.5 Amagambo umunyeshuri yunguka muri uyu mutwe

**Inkingi:** imirongo ihagaze ikoze ikinyatuzu

**Imbariro:** imirongo itambitse ikoze ikinyatuzu

**Kuranga:** kwerekana aho akadomo kari mu kinyatuzu wifashishije imbariro n'inkingi

**Impembe :** utudomo turi ku mfuruka zikozwe n'impande z'amashushongero

### 12.6 Uburyo bwo gusesengura ikibazo nyamukuru

- Umwarimu asomesha agakuru kajanye n'ikibazo cy'umunyeshuri wahagarariye abandi mu irushanwa ryo gushushanya aratsindwa.
